Icyizere

Ikinyamakuru cya Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) N°15,15 Ugushyingo-15Ukuboza 2011

CNLG yateguye inama ku munsi w' isabukuru y'amasezerano mpuzahanga yo gukumira no guhana icyaha cya Jenoside

Uhereye ibumoso, Kayumba Déogratias V/P wa CNDP, Adama Dieng, Umwanditsi Mukuru wa TPIR , Kalisa Edouard Umunyamabanga Uhoraho muri Minispoc na Dr Rusanganwa F.Xavier Komiseri muri CNLG.

Ku itariki ya 9 Ukuboza 1948, nyuma y'imyaka itatu intambara ya Kabiri y'isi yose irangiye, na nyuma y'uko hakorwa Jenoside yakorewe Abayahudi, ibihugu byinshi by'isi byashyize umukono ku masezerano yo gukumira no guhana icyaha cya Jenoside. Byiyemeza ko nta Jenoside izongera kuba, « never again, plus jamais ça ». Nyamara icyo cyifuzo cyatanze icyizere kiraza amasinde kuko bitabujije ko Jenoside yakorewe Abatutsi iba nyuma y'imyaka 45 ayo masezerano ashyizweho umukono. Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside yateguye iyi nama nkuko isanzwe ibikora buri mwaka kugira ngo higwe ingamba zatuma Jenoside itongera kugira ahandi yongera kuba ku isi.

Iyo nama yabereye muri Hoteli Lemigo ku itariki ya 8 Ukuboza 2011, yafunguwe n'Umunyamabanga uhoraho muri Minisiteri ya Siporo n'Umuco(MINISPOC), Bwana Kalisa yanakurikiranywe na visi Perezida wa Komisiyo y'igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu(CNDP),Bwana Kayumba Déogratias, na bwana Adama Dieng, Umwanditsi Mukuru(Registrar) w'urukiko mpuzamahanga mpanabyaha rwashyiriweho uRwanda(TPIR-ICTR) kimwe na Professeur Paul Rutayisire, umuyobozi w'Ikigo cya

komeza ku rup. 4

IBINDI BIRIMO

Basanze amasezerano aha ibihugu inshingano ku byerekeye icyaha cya Jenoside urup5

Bamwe mubafatanyabikorwa ba CNLG bitabiriye inama ku iteganyabikorwa.....Urup.8

Bunguranye ibitekerezo ku Itegeko ry'inzibutso za jenoside.....Urup.9

Madamu Burizihiza Rose wamaganye igikorwa cyo gutera ishyamba ahari imibiri.....Urup.17

Turwanye Jenoside, turandure burundu ingengabitekerezo yayo

Ijambo ry'Ibanze

Nabyo tuzabyirangiriza

Ingaruka nyinshi twatewe na Jenoside, ntabwo abanyarwanda bigeze hari undi biringira uzazibakemurira, uretse kuzikemurira bo ubwabo.

Muri iki kinyamakuru, muraza kwisomera byinshi mu bibazo bigaragara mu kurangiza imanza z'imitungo, imanza zaciwe n'inkiko Gacaca, umwimerere mu muco nyarwanda twihitiyemo, tumaze kubona ko abenshi bari kuzapfa ntabutabera babonye, bitewe n'ubwinshi bw' imanza za Jenoside, bijyanye kandi n' ubwinshi bw' abakoze icyo cyaha cy'indengakamere.

Mu kurangiza izi manza, hari ibimaze kugaragara. Nk,iyo umuntu yishyuye ibyo yononnye, yaba uwishyuye, yaba uwishyuwe bose umutima ujya mu gitereko, ku buryo abenshi bamaze kubona ko izi manza ziramutse zirangiye yaba ari imwe mu nkingi zikomeye zishimangira ubumwe n' ubwiyunge mu banyarwanda. Nyamara ariko mukuzirangiza,haracyagaragaramo inzitizi , ariko twizera ko zizarangira abanyarwanda nibabishyiramo imbaraga. Hari rero abavuga ko nta marangizarubanza bafite kandi baraburanye ku manywa y' ihangu, ayakozwe ntibamenye aho yarigitiye.Hari n' abavuga ko mbere yo kurangiza urubanza hagomba ikashe mpuruza, n' ahari hari ubushake kashe ikaba urwitwazo.

Imbogamizi sinke; kuko hari n' abasahuye umutungo w' abandi mwinshi, ariko ubu bakaba nta mikoro bafite, mbese nta bushobozi bafite bwo kwishyura.Hari n'abahisha imitungo kugirango bagaragare nk'abadafite ubushobozi bwo kwishyura. Iki kikaba kidakwiye kwihanganirwa, mu gihe turimo dushishikariza abanyarwanda kurangiza ibibazo no gushimangira ihame ryo kwiyunga. Ibi bikurura inzangano z'urudaca, umujinya udashira n'agahinda gahoraho.

Hari abanga kwishyura bakagambanira imitungo yagombaga gutezwa cyamunara, abumvikana umuyobozi w' akagari atabizi ngo abasinyire byibura hatazagira uza akabitesha agaciro cyangwa akabitambamira, abagitekereza ko Leta izabishyurira ibyo bononnye mu gihe cya jenoside, hakaba hari n'abanyamabanga nshingwabikorwa b'utugari batinya kurangiza imanza ngo kubera umutekano wabo baba batizeye; aba kandi ngo hari n' igihe bakingira ikibaba abagomba kwishyura ntibishyure.

No kubacitse ku icumu imbogamizi ntabwo ari nke, kuko hari ababwirwa ko bakabya, ko mbere ya jenoside nta kintu bari batunze mbese byo kubatesha umutwe. Hari abaka ruswa abacitse ku icumu ngo bakunde babishyurize, hakaba n' abafatirana abacitse ku icumu mu bukene baba bafite bakabishyura ubusabusa.

Aha n' ubwo bikorwa nabi, ubu busabusa barabubona.

Ariko hari n'abatera ubwoba abishyuza bavuga ngo n' ubwo bishyurwa ntabyo bazarya .Ibi ni itoteza ritakwihanganirwa kandi rihanirwa. Hari n' abayobozi b' utugari bishyuza ntibageze ubwishyu kubo bishyurije.Ingero zihari ni nyinshi! ni ibibazo ariko bikeneye ingamba. Hakenewe ubukangurambaga nk' ubwakozwe muri Gisagara, bukaba ubukangurambaga bwo kwishyura ku bushake.

Hakwiye na none gushyirwaho komite ifasha umuyobozi w'Akagari kwishyuza kandi bakajya bahera ku bafite ubushobozi badashaka kwishyura,hakanashyirwaho umunsi wahariwe gahunda yo kwishyuza. Ikindi cyagira akamaro, ni ugushakira amarangiza rubanza abatayafite,ariko n'abaturage bakagira uruhare mu kugaragaza imitungo y'ugomba kwishyura, amafaranga yishyujwe kandi akaba yasaranganywa abangirijwe nta marangamutima, kandi hakaho kwiha igihe cyo kurangiza kwishyura. Ikindi cyagira agaciro, ni ukujya barangiza imanza mu ruhame.

Dufate ingamba rero zo kwesa uyu muhigo wo kwirangiriza ibibazo twasigiwe na jenoside .

Gasasira Gaspard

Icyizere

P.O Box 7035 KIGALI , Toll Free: 3560
E-mail : cnlg@rwanda1.com

Kurangiza imanza z'imitungo za gacaca bihagaze gute muri Ngoma na kirehe?

Nyuma ya jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda, Leta y'u Rwanda yagiye ifata ingamba zitandukanye kugira ngo ibashe guhangana n'ingaruka za jenoside. Hagiyeho imiryango, ibigo bitandukanye, n'inkiko Gacaca ni muri urwo rwego zagiyeho.

Mubyo Gacaca yakoze harimo kuburanisha abakoze jenoside, abo icyo cyaha gihamye bagahabwa ibihano bitewe n'ubumere bw'ibyo bakoze. Hari n'ikindi yakoze ariko na n'ubu usanga kitararangira kijyanye n'abaregeye indishyi z'imitungo yabo yangijwe mu gihe cya jenoside.

Iyo ubajije igitera idindira ry'izo manza z'imitungo zitarangira ,abayobozi baguha imbogamizi zitandukanye. Mu Karere ka Ngoma hari abishyuzwa imitungo irenze ubushobozi bafite, abishyuzwa batagaragaza imitungo yabo. Hari abafite ubushobozi ariko badashaka kwishyura abayobozi bajya kubareba bagasanga badahari(babimenye bakabihisha). Hari kandi no kuba abashinzwe gukurikirana ibyo bibazo bafite inshingano nyinshi bigatuma hadashyirwamo ingufu nyinshi kugirango izo manza zirangire (bakubwira ko umwanya ari muke kandi amadosiye ari menshi).

Hari no kuba babura abaguzi mu cyamunara kandi ngo n'abishyura bishyura buhoro buhoro (batanga make make ugereranije n'ayo bagomba kwishyura) bityo n'uwo bayahaye ntagire icyo amumarira.

Abatishyura bose si ukuba batishoboye

Iyo wegereye bamwe mu baturage bakubwira ko kutishyurwa biterwa n'uko haba harimo na ruswa bityo ugasanga abayobozi ikijyanye no kwishyuriza imitungo ba nyirayo bakijyendamo gacye, ubwo ugomba kwishyura ntiyishyure kuko nta wamukurikiranye ngo amwibutse kwishyura.

Hari n'abajya inama bakumvikana uburyo uwishyura nta mikoro afite kandi ahari, hari igihe nyir'ukwishyuza asiragira kenshi mu buyobozi hanyuma yarambirwa akabyihorera avuga ati uyu muyobozi mpora iruhande ikibazo cyanjye kidakemuka ntazandeba nabi uwabyihorera aho kugirango ndebwe nabi n'abantu babiri(uwo nishyuza n'uwo mbwira ngo anyishyurize).

Iyo ubajije ubuyozi icyo buteganya gukora kugira ngo izo manza zirangire bakubwira ko bagiye gukomeza gahunda yo guteza cyamunara ku binangiye(abanze kwishyura kandi bafite ubwishyu), gukora urutonde rw'abafite ubwishyu bakishyura, no gukora urutonde rw'abadafite ubwishyu, kandi ko 2012 ibibazo by'imanza z'imitungo za gacaca bizaba byarangiye.

Negereye bamwe mu bayobozi ba Kirehe tuganira ku ngorane, ingamba ndetse no ku gihe baba barihaye kugira ngo abishyurizwa'imitungo yabo yasahuwe mu gihe cya jenoside nkuko byemejwe n'inkiko Gacaca babe babonye ibyabo.

Mu nzitizi harimo : kuba bamwe mu bishyuzwa ntawuzi aho baherereye, wabaza n'uwishyuza akakubwira ko atazi aho nyirukwishyuzwa ari. Abishyuzwa ibirenze ibyo batunze(akaba yarasahuye abantu benshi byose bikaba byaramuhamye muri gacaca akishyura bamwe abandi akabura ubushobozi). Kuba nta rutonde ruhari rw'imanza zaciwe. Izaciwe abenshi ntibarishyurwa. Umwete muke w'abayobozi mu kwishyuriza ba nyir'imitungo.

Nyuma y'izi mbogamizi Akarere ka Kirehe kagiye:

-Gukora urutonde rw'imanza zaciwe, abishyuza bagasabwa ibyemezo by'inkiko kandi bigakorwa hakurikijwe utugari, hakishyuzwa ku ngufu abinangiye.

- gukora raporo y'abadafite ubushobozi bwo kwishyura,

- guhuza abadafite ubushobozi bwo kwishyura n'abishyuza kugira ngo hanarebwe koko ko atabufite kuko hari abavuga ko ntabwo kandi hakorwa igenzura ryimbitse ugasanga babufite.

Abatarishyurwa baruta kure abishyuwe

Akarere ka kirehe kandi karateganya kurangiza iki kibazo bitarenze kamena 2012.

Utu Turere twombi(Kirehe na Ngoma) n'ubwo nta mibare bafite(kuko bose mu gamba bafite harimo gukora urutonde rw'abagomba kwishyurwa n'abazabishyura), iyo bagereranije bakurikije amaraporo ahari bakubwira ko umubare w'abishyuwe ariwo muto ugereranije nuw'abasigaye.

Ikigaragara ni uko abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari bakeneye ubwunganizi ku bijyanye n'ikibazo cy'imanza z'imitungo muri Gacaca kuko hafi ya bose hari ingorane bahuriyeho yo kuba amadosiye ari menshi umwanya ari muke.

Abagomba kwishyura kandi bafite uburyo bwo kwishyura, bitegereza ko hakoreshwa ingufu kugira ngo bishyure.

Ni bumve ko ari inshingano bafite bagomba kuzuza. Kutuzuza inshingano zawe ubishaka birakudindiza cyane bikadindiza n'igihugu muri rusange. Umwanya umara ubitekerezaho(utekereza kwica inshingano zawe) wakabaye utekereza ku cyaguteza imbere n'abo muri kumwe.

Tutagiye kure umunyarwanda wese urebwa n'iki kibazo kugira ngo gikemuke vuba hashoboka akoreshe ingufu ze hakorwe n'ibindi. Twese dufatanye dufashe abayobozi bacu kurangiza ibyo bashinzwe neza kandi vuba tutabagoye. Ntitugashake ko buri gihe hakoreshwa ingufu za Leta n'ubwo iyo bibaye ngobwa zikoreshwa.

Gasengayire Jeanne Claudine, umukozi wa CNLG, Ngoma-Kirehe.

ICYIZERE ni ikinyamakuru cya
Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside

Umwanditsi Mukuru:

Gaspard Gasasira

Umwanditsi Mukuru Wungirije:

Antoine Rwagahirima

Ushinzwe Maquette:

Kanzayire Gertrude

Inama y'ubwanditsi:

Bideri Diogène,

Gasasira Gaspard,

Kanzayire Gertrude,

Karengera Ildephonse,

Ndahigwa J.Louis,

Rutagengwa Philibert,

Ruzindaza Jean,

Rwagahirima Antoine,

Urujeni Solange.

ITANGAZO

Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside irakangurira Ibigo bya Leta, Ibigo bitegamiye kuri Leta, Ibigo by'Abihayimana n'Imiryango Mpuzamahanga ikorera mu Rwanda, kujya byibuka abari abakozi babo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

Ni uburyo bwo kubasubiza icyubahiro bambuwe.

Ubwanditsi

Irangiza ry'imanza za Gacaca zerekeranye no kwishyura imitungo yangijwe mu gihe cya Jenoside mu karere ka Bugesera

Bugesera ni kamwe mu Turere twakozweho kuburyo bw'umwihariko n'ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa1994 akaba ariyo mpamvu n'irangiza ry'imanza za Gacaca, by'umwihariko izerekeranye no kwishyura imitungo yangijwe mu gihe cya jenoside birimo inzitizi nyinshi.Mu rwego rwo kumenya uko icyo kibazo giteye n'ingamba zihari kugira ngo abasahuye cyangwa bononnye imitungo y'abandi bashishikarizwe kwishyura ibyo bangije, twaganiriye na bamwe mu barokotse jenoside bahagarariye abandi, twegera n'ubuyobozi bw'Akarere kugira ngo tumenye uko ikibazo giteye.Umwe mu bahagarariye abacitse ku icumu mu karere ka Bugesera yatubwiye uko bafatanya n'ubuyobozi mu gukurikirana icyo kibazo adutangariza ko bimwe mu bituma kidakemuka burundu harimo gutinza nkana igikorwa cyo gushyira mu bikorwa imyanzuro y'inkiko gacaca bikorwa na bamwe mu bayobozi b'inzego z'ibanze, hakaba n'abategetswe kwishyura ibyo bangije bataba mu Karere ka Bugesera.

Mu kiganiro twagiranye n'umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage Madame Narumanzi Léonille, yatubwiye ko icyo ari ikibazo gikomeye gisaba ingufu nyinshi ariko ko hari ingamba zo gukomeza kugikemura kugira ngo izo manza zirangizwe burundu.

Yagize ati: " mu byukuri ikibazo cy'irangizwa ry'imanza za gacaca zerekeranye n'imitungo ni ikibazo gikomeye kuko harimo inzitizi nyinshi, muri zo twavuga nka bamwe mu bangije imitungo y'abandi badafite ubushobozi bwo kwishyura ibyo bangije, hakaba hari n'abantu bashobora kubona indishyi ariko ntibabikore. Icyo dukora ni ugushishikariza inzego zo hasi harimo utugari n'imirenge kwihutira gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inkiko gacaca ku byerekeranye n'imitungo kandi hari ingero ko hari umusaruro byatanze kuko hari abari baranze kwishyura,imitungo yabo itezwa cyamunara kugirango bishyure imitungo y'abandi bangije; gusa iyo bigaragaye ko uwishyuzwa ibyo yangije atabifitiye ubushobozi, bisaba ko dutegereza igihe azabonera icyo yakwishyura"

Yakomeje atumenyesha ko mu rwego rwo kongera ingufu mu irangiza ry'izi manza, ubuyobozibw'akarere bwiyemeje gushyira mu mihigo ya buri mwaka ingamba zo kurangiza imanza za gacaca zerekeranye n'imitungo, kandi bigahera mu tugari no mu midugudu, iyo mihigo igahurizwa ku rwego rw'umurenge mbere y'uko igezwa ku karere.Ku kibazo kijyanye n'igihe giteganijwe kugira ngo izo manza zibe zarangijwe burundu, madamu Narumanzi Léonille yadutangarije ko bigoye kugira ngo wemeze ko mu gihe gito icyo kibazo cyaba gikemutse burundu bitewe n'uko hari abagomba kwishyura ibyo bangije bakennye cyane ku buryo batabona ibyo bishyura.

Ati ni "ikibazo gikomeye gisaba ingamba zihamye kandi inzego zose zikabigiramo uruhare"

Uko bimeze kose biragaragara ko hakwiye kurebwa icyakorwa kugira ngo abacitse ku icumu basubizwe imitungo bangirijwe kuko usanga abenshi muri bo baraheze mu gihirahiro no mu bukene bukabije mu gihe twitegura kwibuka ku nshuro ya cumi n'umunani Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu mwaka wa 1994.

NDAMAGEValentin
Umukozi wa CNLG mu Turere twa BUGESERA na KICUKIRO

CNLG yateguye inama ku munsi w'isabukuru y'amasezerano mpuzahanga yo gukumira no guhana icyaha cya Jenoside

Ibikurikira urup 1

Prof. Rutayisire Paul (ubanza ibumoso) yatanze ikiganiro ku kamaro ko kubika neza inyandiko zigaragaza Jenoside yakorewe Abatutsi.

Kaminuza y'uRwanda ryigisha ugukemura amakimbirane(CCM). Abandi bakurikiranye bagafata n'ijambo muri iyo nama ni uwari uhagarariye Minisitiri w'ubutabera, uwari uhagarariye Urwego rw'igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca, n'uwari uhagarariye ikigo cy'ubushakashatsi n'ububiko shakiro kuri Jenoside.

Mu gufungura inama Umunyamabanga Uhoraho muri MINISPO, yavuze ko iyi nama mpuzamahanga ibahaye umwanya wo gutekereza ku ngamba zafatwa mu gukumira icyaha gisumba ibindi, icyaha cya Jenoside. Avuga, yifashihije ibyavuzwe n'Umunyamabanga nshingwabikorwa wa LONI mu kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 17, ko ugukumira icyaha cya Jenoside bireba « sosiyete », bikanareba na buri muntu ku giti cye. Yerekana ibyo Leta y'uRwanda yakoze mu rwego rwo kurwanya no gukumira Jenoside, rushyira mu rwunge rw'amategeko yarwo, itegeko rihana Jenoside, rwigisha cyane cyane abakiri bato indangagaciro zirufasha kuba abenegihugu bashyira mugaciro(batakwemera ko jenoside yongera kubaho ukundi).

Yaboneyeho umwanya wo guhamagarira ibihugu bicumbikiye abakekwaho kuba barateguye bagashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi kubacira imanza cyangwa bakabohereza gucirwa imanza mu Rwanda.

Ukwifata ku ngingo zimwe z'amasezerano y'1948 nk'ikimenyetso cy'itegura rya Jenoside

Mu ijambo rye ryabanje, Visi perezida wa CNDP yashimye ukureba kure k'u Rwanda rwafashe icyemezo, mu mwaka w'2007, cyo gukuraho ukwifata ubuyobozi bw'uRwanda bwari bwagize ku ngingo zimwe z'ariya masezerano mpuzamahanga, ubwo rwayashyiragaho umukono mu mwaka w'1975. (NDLR : uRwanda icyo gihe rwagaragaje ko rutarebwa n'ingingo ya IX y'ayo masezerano, ivuga ko za Leta zishobora gukurikiranwa imbere y'urukiko mpuzamahanga rw'ubutabera(cour internationale de la justice)ku ruhare zaba zagize mu byerecyeye icyo cyaha cya Jenoside).

Bwana Kayumba yavuze ko uko kwifata kuri iyo ngingo byagaragaje rugikubita imbuto z'itegurwa rya Jenoside, ariko ko ibyo bihe byarangiye, uRwanda rukaba rwubaka igihugu kigendera ku mategeko : ati: rwavuguruye amategeko mu mwaka w'2004, ruca imanza ku madosiye arenga miliyoni yaburanishijwe n'inkiko Gacaca.

Komiseri muri CNLG Rusanganwa François Xavier, wari uhagarariye Visi Perezida wa Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside, yibukije ko Jenoside yakorewe Abatutsi yakozwe ibihugu by'amahanga bireba, bimwe bikaba byaremeye urwo ruhare rwo kudatabara, ariko ko kugeza ubu nta gihugu cyari cyemera gutanga indishyi.

Ati:«magingo aya hari ibice by'isi byugarijwe cyangwa bigaragaramo ibimenyetso bya Jenoside, akaba ari inshingano zacu zo gukumira Jenoside (…) Ni ngombwa kwigisha ababyiruka ukubaha ubuzima.

Bwana Rusanganwa yasabye abari mu nama umuganda w'ibitekerezo w'uburyo inyandiko n'ibindi bimenyetso bya Jenoside bibitse mu kigo cy'ubushakashatsi n'ububiko shakiro kuri Jenoside byarushaho kubikwa neza no korohera ababikoresha.

Inyandiko zivugwa inyinshi ni izaturutse muri Gacaca, n'izindi zishobora kuzava muri TPIR imaze gufunga, dore ko abari bahagarariye urwo rukiko mpuzamahanga muri iyo nama batangaje ko TPIR yemeye kuba yazaha uRwanda « Kopi » ku nyandiko zose ibitse, igihe ishoje imirimo.

Mu kiganiro cyatanzwe na Adama Dieng, umwanditsi Mukuru wa TPIR yagarutse ku kintu cy'uko, n'ubwo ariya masezerano mpuzamahanga yo gukumira no guhana Jenoside yari ariho, nyuma ya 94 ari bwo abakoze ibyaha bya Jenoside batangiye guhanwa. Urukiko mpuzamahanga mpanabyaha rwashyiriweho uRwanda (TPIR) akaba ari rwo rwabaye urwa mbere mu gushyira mu bikorwa ariya masezerano mpuzamahanga ahana icyaha cya Jenoside.

Yavuze ko ariya masezerano, mbere

CNLG yateguye inama ku munsi w'isabukuru y'amasezerano mpuzahanga yo gukumira no guhana icyaha cya Jenoside

Ibikurikira urup *4*

Uhereye ibumoso, Ndahigwa Jean Louis, Umunyamategeko wa CNLG, Komiseri Dusingizemungu Jean Pierre, Mukamazimpaka Hilarie na Ntashamaje Gérard ushinzwe agashami ko kurwanya ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi muri CNLG.

y'uko TPIR ijyaho usanga yari ameze nk'abereyeho kureberwaho n'abakora amategeko ku rwego rw'ibihugu, yo guhana Jenoside, cyangwa kureberwaho n'urukiko mpuzamahanga rw'ubutabera iyo basuzuma niba igihugu runaka cyashinjwa kugira uruhare muri Jenoside.

Yasobanuye ko mu gihe ubusanzwe mu mategeko ahana impamvu (mobile) yatumye umuntu akora icyaha ititabwaho, mu byerekeye icyaha cya Jenoside impamvu ariyo igize ireme ry'icyaha cya Jenoside, kuko impamvu yo kurimbura ubwoko ariyo ituma ubwicanyi cyangwa ibindi byaha byitwa Jenoside.

TPIR nticyemera impaka mu rukiko zigamije guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi

Ku bijyanye n'icyo TPIR ikora, mu gukumira icyaha cyo guhakana no gupfobya jenoside yakorewe Abatutsi, bwana Dieng yavuze ko mbere ya 2010, abacamanza b'urukiko mpuzamahanga mu kuburanisha abakekwaho ibyaha bya Jenoside bafataga igihe ku baburanyi bashakaga kwerekana ko nta Jenoside yabaye mu Rwanda, mbere y'uko bumva ukwiregura kwabo ku byaha baregwa.

Icyakora ngo Kuva ku itariki 16 Kamena 2010 urukiko mpuzamahanga rwafashe icyemezo cy'uko ubwicanyi bwabaye hagati ya 6 Mata 1994 na 17/7/1994 ari Jenoside yakorewe Abatutsi, kandi ko urukiko rutazongera kwemera impaka zikururwa n'abaregwa basaba guhabwa ibimenyetso n'abashinjacyaha b'urukiko ko iyo jenoside yabayeho.

Mu bandi batanze ibiganiro, Professeur Rutayisire Paul yagaragaje ibibazo bijyanye no kubika neza ibimenyetso bya Jenoside, ubuhamya, inyandiko za Jenoside ari izavuye mu Nkiko Gacaca, mu nkiko zisanzwe, ari n'izava muri TPIR. Ati « ukwibuka gukiza kugomba kuba gushingiye ku bumenyi buhamye bw'ibyabaye, ubumenyi bwa jenoside yakorewe Abatutsi.. ; »

Ngo ntibihagije kubika neza ibyo bimenyetso, hagomba no kubaho uburyo bworoshye bwo kubigeraho no kubikoresha. Prof Rutayisire yavuze ko ibibazo bijyanye no kubika ibyo byose binaterwa n'uko mu gihugu nta gahunda ihamye yo kubika inyandiko ihari(système d'archivage), inyandiko zikaba zitatanye hirya no hino.

Bikesha Denis, wari uhagarariye Urwego rw'igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca, yasobanuye ukuntu Inkiko Gacaca zashyizweho kugira ngo zihutishe imanza, ku bantu bagera ku bihumbi 120 bari mu magereza, aho inkiko zisanzwe zari zashoboye kuburanisha gusa abantu 6000 kugeza mu mwaka wa 2001.

Agaragaza ibishya itegeko rihana abakoze ibyaha bya Jenoside ryazanye, ibyo gushyira mu nzego abakekwaho ibyaha bya Jenoside, kuko uruhare rutangana ku bakoze ibyaha, no gushyiraho imihango yo kwirega no kwemera icyaha.

Bwana Sindikubwabo Emmanuel, wari uhagarariye Minisitiri w'Ubutabera we yatanze ikiganiro ku butabera no ku ndishyi ku bakorewe Ibyaha bya Jenoside.

Dogiteri Bideri Diogène watanze ikiganiro ku nzitizi inzego mpuzamahanga z'ubutabera zihura nazo, yagaragaje ko amategeko ashyiraho TPIR, yashyize imbaraga ku guhana abahamijwe icyaha cya Jenoside, ariko atita ku bakorewe icyaha. Yerekanye Ko ayo mategeko adateganya n'indishyi ku bakorewe ibyaha.

Yibukije icyakora ko n'ubwo izo ndishyi zidateganyijwe, hari ingingo ziri ma mategeko agenga imikorere y'urukiko mpuzamahanga (TPIR) (ingingo ya 105 n'ingingo y'106), zivuga ko abo TPIR yahamije icyaha cya Jenoside, inzego z'ubutabera z'uRwanda zishobora kubakurikirana ho indishyi. Agaragaza amategeko y'uRwanda yagombye gukoresha icyo cyanzu cyatanzwe n'ayo mategeko y'imikorere ya TPIR.

Inama mpuzamahanga yateguwe na Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside yabaye nk'umwanya ukoreshwa mu kutirara, kugira ngo Jenoside yakorewe Abatutsi itazavaho ikurikirwa n'indi,aho ariho hose ku isi, nk'uko byagenze nyuma y'iyakorewe Abayahudi.

A.Rwagahilima

Inzira iracyari ndende kugirango Imanza z'imitungo mu Karere ka Nyanza zirangizwe

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri mata 1994 mu Rwanda, abakoze jenoside bashyizwe mu byiciro bitatu nyamukuru aribyo: abateguye jenoside ,abayishyize mu bikorwa ndetse n'abasahuye imitungo. Turibanda ku cyicyiro cya gatatu kirebana n'imanza zerekeye imitungo yononwe n'iyasahuwe muri Jenoside zaburanishijwe n'inkiko Gacaca. Mu rwego rwo kumenya uko ikibazo cyo kurangiza imanza z'imitungo mu nkiko Gacaca gihagaze, imbogamizi, ingamba ndetse n'igihe zishobora kurangizwa mu Karere ka Nyanza muri rusange no mu Murenge wa Busasamana by'umwihariko, twegereye abantu batandukanye mugihe twakusanyaga amakuru.

Ku rwego rw'akarere ka Nyanza twavuganye n'ushinzwe imiyoborere myiza adutangariza ko muri rusange abona ko igikorwa cyo kurangiza imanza zijyanye n'imitungo mu nkiko Gacaca kitihuta nkuko bikwiye. Ni muri urwo rwego yatugaragarije imbogamizi zitandukanye zituma iki gikorwa kitava mu nzira.

Icyambere yatubwiye ko kashe mpuruza iterwa n'urukiko rwibanze ari kimwe mu bituma iki gikorwa kitihuta. Aha twabamenyesha ko iyi kashe ariyo ituma urubanza rurangira. Ikindi yadutangarije ko hari abishyuzwa imitungo badafite ubushobozi buhagije cyangwa bakagaragaza imitungo mike.

Uyu muyobozi yagaragaje iyindi mbogamizi ijyanye n'Abanyamabanga shingwa bikorwa b'Utugari batihutisha izi manza kubera izindi nshingano nyinshi. Yakomeje avuga ko mu byaro hari aho bateza cyamunara hakabura abaguzi. Bityo bikadindiza imanza.

Kubyerekeye ingamba zafashwe n'Akarere harimo : gushishikariza abantu kwishyura ku bushake.Ubwo bukangurambaga bwakozwe n'inzego z'ibanze hamwe n'ingabo. Yagaragaje icyifuzo ko minisiteri y'ubutabera yagombye koroshya ibijyanye na kashe mpuruza kubera ko abacitse kw'icumu bibagora kuyibona.

Mu Murenge wa Busasamana, imanza z'imitungo zarangijwe ziri munsi ya 50%

Twegereye na none Umunyamabanga nshingwa bikorwa w'Umurenge wa Busasamana, MUGANAMFURA Sylvestre kugira ngo tumenye ibyerekeye izi manza z'imitungo. Yatangiye atugaragariza ko mu manza 3 625 bari bafite, izigera ku 1 542 zararangiye. Yakomeje atubwira zimwe mu mbogamizi bahuye nazo. Imbogamizi ya mbere yavuze ko hari abakatiwe batari bafite ubushobozi buhagije bwo kwishyura cyangwa se imitungo yatejwe ikaba ifite agaciro kari hasi y'ibigomba kwishyurwa.

Ikindi naho wasangaga imanza zirangizwa mu bihe bitandukanye kandi uregwa ari umuntu umwe. Ibi bikagora uwishyura n'uwishyuriza ababifitiye uburenganzira.

Uyumunyamabanga nshingwabikorwa yongeye kugaragaza ikibazo cyo guhuza imikorere y'abahesha b'inkiko b'umwuga n'abatari ab'umwuga, ni ukuvuga Abanyamabanga nshingwabikorwa b'utugari.

Uko kudakorana kw'abahesha b'inkiko bituma hatabaho gusaranganya neza ku bantu batandukanye bagomba kwishyurwa kuberako iyo umuntu afashe umuhesha w'inkiko w'umwuga amusaba ko amurangiriza urubanza vuba bishoboka ku buryo n'abandi bagombye kwishyurwa batamenya rimwe na rimwe ko umutungo watejwe.

MUGANAMFURA yadutangarije kandi ko gusoza ibikorwa by'inkiko Gacaca bitagenzeneza. Yatanze urugero rwaho usanga inyangamugayo za Gacaca zarasigaranye impapuro ndangizarubanza ziteyeho kashe, bikaba byaratumye hari ahagaragaye imanza mpimbano.Yashoje yunga mu ry'ushinzwe Imiyoborere myiza mu Karere ka Nyanza, ko na kashe mpuruza itinza igikorwa cyo kurangiza imanza.

Nyuma yo kugaragaza izi mbogamizi, yatanze ibyifuzo bitandukanye bijyanye n'imanza z'imitungo mu nkiko Gacaca.

Hagombye kubaho imikoranire isobanutse hagati y'urwego rw'igihugu rushinzwe inkiko Gacaca n'urukiko rwibanze mu rwego rwo koroshya ibijyanye na kashe mpuruza.

Yifuje kandi ko inkiko Gacaca zahabwa ububasha bwo gutera kashe mpuruza kubera ko arizo zifite urutonde rw'imanza zarangiye.

Yongeye gusaba ko mu gihe umuntu atabashije kwishyura bitagombye kuba impamvu yo kurangiza urubanza ahubwo dosiye ye yagombye kubikwa ku buryo mugihe abonye ubushobozi yakwishyura bityo inyungu z'ugomba kwishyurwa zikarengerwa.

Kubyerekeye igihe giteganyijwe cyo kurangiza imanza zisigaye, yadutangarije ko bitoroshye kubera ko ibyinshi bitabaturukaho.

Twabamenyesha ko umurenge wa Busasamana ari umwe mu Mirenge icumi igize akarere ka Nyanza.

Tumaze kumva ko kashe mpuruza iri mu bintu bimwe bituma irangizwa ry'imanza ritihuta , twegereye perezida w'urukiko rw'ibanze rwa Busasamana adutangariza ibi bikurikira:

Imbogamizi yambere bahura nayo n'uko rimwe na rimwe amadosiye bahabwa n'inyangamugayo ataba yujuje ibisabwa n'amategeko. Aha baduhaye ingero aho usanga inyangamugayo za gacaca zimwe zitanga imikono itandukanye cyangwa se bamwe mu nyangamugayo ntibashyire imikono kuri dosiye.

Ikindi yagaragaje ko ibitabo birimo dosiye z'imanza zarangiye byasubiye ku cyicaro gikuru cy'inkiko Gacaca , bityo bigatuma batamenya neza imanza zarangiye iyo batizeye ibyatanzwe n'inyangamugayo za Gacaca.

Kubera izo mpamvu batubwiye ko kashe atariyo itinza irangira ry'imanza ahubwo baba basabwa kubanza kugenzura amadosiye neza. Yaba atujuje ibisabwa agasubizwa beneyo hagahamagazwa inteko igomba kwemeza niba izo manza koko zaraburanishijwe. Iyo babyemeje dosiye ziterwaho umukono n'urukiko.

Nyuma yo guhura n'izo mbogamizi, urukiko rw'ibanze rwa Busasamana rwandikiye urukiko rw'ikirenga ruha urwego rw'igihugu rushinzwe inkiko Gacaca kopi kuwa 14/06/2011.

Basabye CNLG na SNJG kubaha urutonde rw'imanza z'imitungo zarangiye

Zimwe mu ngamba bafashe, nkuko twabitangarijwe na perezida w'urukiko rw'ibanze rwa Busasamana, ni ugukomeza gutumira inteko za Gacaca kugira ngo zemeze imanza zarangiye n'ubwo hari ubwo ngo bemeza ibinyoma kubera inyungu zabo. Akaba yarashoje asaba ko Komisiyo y'igihugu ishinzwe kurwanya Jenoside n'urwego rw'igihugu rushinzwe inkiko Gacaca byatanga urutonde rw'imanza zarangiye mu Karere byibuze bityo bikazabafasha mu kazi kabo ka buri munsi kugira ngo irangizwa ry'imanza ryihute.

Twifuje kumenya icyo abacitse ku icumu babivugaho. Mu kiganiro twagiranye n'uhagarariye abacitse ku icumu mu Murenge wa Busasamana utarashatse ko izina rye ritangazwa, yatubwiye ko kubwe imanza z'imitungo zitagenze neza cyane, agaragaza bimwe atekereza ko bitagenze neza.

Yavuze ko hari abacitse ku icumu

komeza ku rup. 7

Inzira iracyari ndende kugirango imanza z'imitungo mu Karere ka Nyanza zirangizwe

Ibikurikira urup 6

batuma hatabaho gusaranganya ibyavuye mu mitungo yatejwe cyamunara . Icyambere yadutangarije ko hari abacitse ku icumu bishoboye bakorana n'umuhesha w'Inkiko w'umwuga kugira ngo imanza zabo zirangire vuba.

Ikindi ni uko iyo zihutishijwe cyane bituma habaho imitungo itezwa cyamunara ku biciro biri hasi cyane bigatuma abantu benshi bagombaga kwishurwa bidashoboka. Izindi mpungenge yagaragaje ni uko hari inyangamugayo za Gacaca zipfobya imitungo y'abaregwa cyangwa se zikarya ruswa kubera inyungu zabo bwite.

Hashingiwe kubyavuzwe haruguru yifuje ko abahesha b'inkiko bakorana n'abayobozi b'ibanze kugirango babahe amakuru ahagije kubirebana n'abaregwa gusahura imitungo muri jenoside . Yongeye kuvugako abayobozi b'Utugari nabo bagomba gukurikiza ibyemezo by'inyangamugayo nyuma y'ubugenzuzi bwimbitse kugira ngo imanza z'imitungo zirangizwe mu mucyo.

Mutabazi R. Moïse

Ikinamico yerekana uruhare rw'abanyamakuru ba Radio RTLM mu iyicwa ry'Abatutsi

Nk'uko byatangajwe na Agence Hirondelle, ku itariki ya 22 Ugushyingo 2011, ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali herekanwe ikinamico igaragaza ukuntu Radio RTLM yahamagariye abantu kwica Abatutsi muri Mata 1994.

Iyo kinamico yahimbwe n'ikigo cyitwa « Istitut international du crime politique » cy'i Berlini mu Budage.

Iyo kinamico isubiramo ibiganiro byacaga kuri Radio RTLM bihamagarira kwica Abatutsi, igatambutsa n'ubuhamya bw'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi.

Muri iyo kinamico, abari abanyamakuru ba RTLM, Valérie Bemeriki, Habimana Kantano, na Georges Ruggiu wari ufite ubwenegihugu bw'ubutaliyani n'ububiligi, bagaragara bakinwa n'abandi bantu, barimo Dorcy Rugamba, umuhungu w'umuhanzi Rugamba Cyprien wishwe muri Jenoside.

Icyo abahimbye ririya kinamico bari bagamije ni ugukora umukino ugaragaza amateka, ukuri kw'ibyabyaye. Abakina abanyamakuru ba RTLM bagasubiramo amagambo bavugaga bakangurira kwica Abatutsi. Byose bikageragezа gukorwa nk'uko byakorwaga icyo gihe.

Hateganyijwe ko iyo kinamico izerekanwa mu mijyi itandukanye y'i Burayi kugeza mu Kamena 2012.

NDLR : Twizere ko iyo kinamico yazagira bamwe mu bahakana Jenoside cyangwa bayipfobya ihumura bakabona ukuri.

A.R

Inama nyunguranabitekerezo ku kwishyura imitungo y'abacitse ku icumu yangijwe mu gihe cya Jenoside.

Muri iyi nama yateranye ku biro by'akarere ka Huye, habajijwe muri buri Murenge aho iki gikorwa kigeze. Umukozi ushinzwe iranga mimerere akagaragaza imiterere yacyo.Hari imirenge mike yashoboye kurangiza kubarura no kwandika amarangiza rubanza yashoboye kuboneka. Iyo ni nk'Umurenge wa Rwaniro, Kigoma ariko indi mirenge myinshi iracyari kure rwose. Iyi gahunda yo kwandika amarangizarubanza ikaba ariyo ngamba bari bihaye mbere ya byose, noneho yarangira bakabona kugaragaza ibyarangijwe n'ibitararangizwa.

Imbogamizi zabayeho ziratandukanye murizo twavugank'izikurikira:

Ubushake buke bw'abayobozi b'utugari bafite mu nshingano zabo kwishyuriza abacitse ku icumu;Amarangizarubanza yabuze;

Kuba mu bishyuzwa harimo abakene;

Hari abadafite impapuro z'amarangiza rubanza(photocopies) ;

Hari abatemera ibyaha bashaka ko imanza zisubirwamo; Hari aho amakuru yabuze abaturanyi b'ushaka kumenya aho imitungo yabo yagiye bakavuga ko batabizi ;Rimwe na rimwe hari igihe biyemeza kuriha bose bafatanyije ;

Hari abadafite ubushobozi bwo kwishyura kandi barangije imitungo myinshi ;

Itegeko na ryo ni inzitizi kuko rivuga ko niba ugomba kwishyura afite isambu ingana na 1/5 cya hegitari iyo sambu idakorwaho, kandi inzu ibamo abantu ikaba itagurishwa

N'ubwo bahuye n'izi mbogamizi ariko, bafite gahunda y'uko ku itariki 31/12/2011 Imirenge yose izaba yarangije igikorwa cyo kwandika amarangizarubanza.

Muri iriya nama yari yatumiwemo Umuryango "Association Modeste et Innocent"(AMI)iharanira ubumwe n'ubwiyunge, uwo muryango watangaje ko ufite gahunda yo kuba umuhuza, abahemutse n'abahemukiwe bakicara bakabiganiraho byaba ngombwa uwakoze icyaha agasaba imbabazi uwo yahemukiye.Indi gahunda ya AMI ngo ni uko mu kwishyura hababo gukora igikorwa abantu bahuriyeho (engagement communautaire) nk'uko n'ubundi mu gukora icyaha cya jenoside abantu bafatanyije (responsabilite collective). Ni yo mpamvu hababo no gufatanya kwishyura.Urugero: Bashobora kwishyira hamwe bagahingira uwangirijwe imitungo mu rwego rwo kumwishyura.

Indi gahunda AMI ifite ni ugutumira inzego bireba nk'Akarere, CNLG,imiryango y'abacitse ku icumu nka AERG,GEARG,IBUKA mu nama nyunguranabitekerezo ikazaba mu ntangiriro z'ukwa mbere 2012 noneho mu mpera zako ibiganiro bikazaba byarangiye. Aho bizanga akaba ari ho hazakoreshwa ingufu za Leta..

Ndagijimana Jean Damascène, Umukozi wa CNLG Huye-Gisagara

Abafatanyabikorwa b'ibanze ba CNLG bunguranye ibitekerezo ku mbanzirizamushinga y'iteganyabikorwa by'imyaka 5

Ku itariki ya 23 Ugushyingo, Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside (CNLG) yamurikiye abafatanyabikorwa bayo umushinga w'iteganyabikorwa ry'imyaka itanu. Ni mu nama yabereye i Kigali muri Hoteli Lemigo iyobowe na Mme Tuyisenge Christine, Visi Perezida wa CNLG. Abafatanyabikorwa batanze ibitekerezo bizafasha impuguke zakoze iryo teganyabikorwa kurinonosora.

Iryo teganyabikorwa ryasuzumwe ryagaragazaga ko ibikorwa byose bya Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside, mu gihe cy'imyaka itanu byatwara miliyari zisaga 11. Bwana Ildephonse Niyonsenga wayoboye itsinda ryakoze iryo teganyabikorwa yavuze ko bagiranye ibiganiro n'abakozi ba Komisiyo kimwe n'abayobozi batandukanye mu nzego z'ibanze, abahagarariye ibigo byigenga n'ibya Leta kugira ngo bamenye ibibazo byihutirwa byagombye gukemurwa n'iryo teganyabikorwa, nko kuba nta mibare ifatika (statistiques) bibazo bitandukanye bireba Jenoside(abishwe muri Jenoside, umubare w'abarokotse Jenoside, umubare w'abafite uburwayi budakira bwakomotse kuri Jenoside…), kuba ibimenyetso bimwe bya Jenoside bigenda bisibangana (ubuhamya n'ibindi bimenyetso bifatika bya Jenoside kuba hakomeje kugaragara abantu bahakana cyangwa bapfobya Jenoside.

Mu kugena ibikorwa Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside yashyira imbere, abakoze iteganyabikorwa bagaragaje ibyakorwa hashingiwe kuri buri nshingano ya CNLG mu nshingano icyenda Komisiyo yahawe. Hagaragazwaicyakorwa na Komisiyo, ndetse n'inzego bafatanya, muri buri cyiciro cy'ibikorwa.

Ku byerekeye ubwo bufatanya bikorwa, abari mu nama bagiriye inama abakoze iryo teganyabikorwa ko hagaragazwa neza icyo buri rwego ruzakora, hakurikijwe inshingano za buri kigo, kugira ngo iryo teganyabikorwa rizagerweho nta nkomyi. Bityo abateguye ririya teganya bikorwa bakaba barasabwe kunonosora inyandiko hakurikijwe ibitekerezo byatanzwe, kandi bakongera kwegera inzego nka Minisiteri y'ubuzima, iy'uburezi, n'izindi nzego zikorana cyane na CNLG kugira ngo ibyo CNLG isanga byakorwa n'izo nzego bafatanya bihuzwe n'inshingano cyangwa ubushobozi bwa buri kigo cyangwa buri rwego.

Ibikorwa byagaragajwe bizashyirwa imbere bizaba byinjira mu byiciro binini bikurikira :

Gukora ubukangurambaga bw'abaturage ku byerekeye ugukumira no kurwanya Jenoside ;

kongerera ubushobozi Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside, Guha imbaraga ikigo cy'ubushashatsi n'ububikoshakiro cya CNLG, no Kongera imbaraga mu gukora ubushakashatsi no kwegeranya inyandiko n'ibindi bimenyetso kuri Jenoside(harimo no kwegeranya ubuhamya, bukandikwa aho kugira ngo ubutangwa cyane cyane mu gihe cy'icyunamo busigare aho bwavugiwe, no kubungabunga imibiri

no gukora ubuvugizi mu kuzamura imibereho y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ku byerekeye ukongerera ubushobozi Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside, imbanzirizamushinga y'iteganyabikorwa rya CNLG mu myaka itanu iri imbere yaganiriweho, usanga ishyira imbaraga ku kintu cyo gushimangira itumanaho, Komisiyo ikagira abakozi (antennes) mu nzego z'ibanze, kandi bakagira imikorere n'uburyo bw'itumanaho bwihuse.

Ikindi ngo n'uko CNLG yajya itangaza ibyegeranyo bikubiyemo ibyemezo by'inkiko Gacaca,n'uburyoimanza za Gacaca zarangijwe. Ibinyamakuru bigashishikarizwa no kugenera umwanya ibyo byemezo by'Inkiko Gacaca n'uburyo byashyizwe mu bikorwa.

Ibikorwa biteganywa n'iriya mbanzirizamushinga byamurikiwe abari mu nama ni byinshi, ariko umushinga uhamye w'iryo teganyabikorwa uzaboneka ari uko abariteguye babanje kubonana n'abafatanyabikorwa, hakagaragara icyo buri rwego rwaba rushinzwe ku bikorwa bahuriyeho .

Gusa icyagaragaye ni uko hakiri byinshi byo gukora, mu gihe imibare y'ifatizo myinshi ijyanye n'ingaruka za Jenoside itari yaboneka yafasha Komisiyo Y'igihugu yo kurwanya Jenoside kugira ibipimo bifatika bigaragaza intambwe igenda iterwa. Ibikorwa bigaragara bizatwara amafranga atari macye. Ariko bisaba ubufatanye na buri mufatanyabikorwa, buri wese mu nshingano ze, kugira ngo Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside igere ku ntego, ikubiyemo kwibuka, kurwanya no gukumira Jenoside n'ingengabitekerezo yayo, n'ubuvugizi kugira ngo imibereho y'abacitse ku icumu irusheho kuba myiza.

A.R

Uhereye (ibumoso), Niyonsenga Ildephonse wateguye iteganyabikorwa, Mme Tuyisenge Christine, V/P wa CNLG, Ndahigwa J.Louis, Umunyamategeko wa CNLG.

Abafatanyabikorwa n'abakozi ba CNLG nabo bitabiriye iyo nama ku iteganyabikorwa by'imyaka itanu.

Ibitekerezo ku ihindurwa ry'itegeko NO 56/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena inzibutso n'amarimbi by'abazize jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda

Mu nama y'umunsi umwe yahuje Abakomiseri, abafatanyabikorwa na bamwe mu bakozi ba Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside(CNLG) mu cyumba cy'inama cy'iyo Komisiyo tariki ya 7/12/2011, bunguranye ibitekerezo ku ihindurwa ry'Itegeko N0 56/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigenga inzibutso n'amarimbi by'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda.

Bunguranye ibitekerezo bamaze gusobanurirwa ibyo bifuza ko byahinduka mu Itegeko.

Atangiza iyo nama Visi Perezida wa Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside Madamu Tuyisenge Christine yashimiye abayitabiriye ababwira ko ikigamijwe ari ukungurana ibitekerezo harebwa uburyo hanozwa imbanzirizamushinga y'itegeko rivugurura iryari risanzweho, Itegeko n0 26/2008 ryo ku wa 10/09/2011 rigenga inzibutso n'amarimbi by'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi.

Yasabye bwana Ndahigwa Jean Louis umunyamategeko muri Komisiyo kugeza ku bari mu nama ibice bigize itegeko ryari risanzwe n'ibyo bifuza ko byahinduka.

Bwana Ndahigwa Louis, yagejeje ku bari mu nama ibikubiye mu nyandiko ya mbere yateguwe yitwa " Ibitekerezo ku ihindurwa ry'itegeko N^{0} 56/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigenga inzibutso n'amarimbi by'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda".

Yagejeje ku bari mu nama ibisobanuro by'uko iryo tegeko ryari risanzwe riteye n'ibitekerezo byatanzwe ku ihindurwa ryaryo. Hatanzwe kandi ibisobanuro ku magambo amwe n'amwe akoreshwa muri iryo tegeko no ku ngingo zizavugururwa ku buryo bugendanye n'igihe, hitawe no ku buryo bwo kuzarishyira mu bikorwa.

Yakomeje asobanura ibikubiye muri buri ngingo n'uko yakorewe ubugororangingo. Zimwe mu ngingo zakorewe ubugororangingo ni izi zikurikira:

Ingingo ya 1: Iri tegeko rigenga inzibutsoz'abazize Jenoside mu Rwanda (Mu itegeko rivuguruye inyito irimbi ryakuwemo).

Ingingo ya 2: Muri iyi ngingo hasobanurwa Jenoside icyo ari cyo; Jenoside ni Jenoside yakorewe Abatutsi hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994. Urwibutso rwa Jenoside ni ahantu hashyinguwe abantu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi, habitswe bimwe mu bimenyetso bya Jenoside cyangwa hadashyinguwe, hafite cyangwa hasobanura amateka yihariye mu itegurwa no mu ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside.

Ingingo ya 3: isobanura ko inzibutso z'abantu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi ziri mu mutungo rusange wa Leta

Ingingo ya 4: Iyi ngingo ivuga ibijyanye no gushyingura imibiri y'abantu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi Muri iyo ngingo hasobanurwa uruhare rwa buri rwego muri icyo gikorwa. Imibiri y'abantu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi ishyingurwa mu cyubahiro mu nzibutso za Jenoside bitangiwe uruhushya n'akarere urwibutso ruherereyemo bikamenyeshwa CNLG. Iyo ari urwibutso rwo ku rwego rw'Igihugu uruhushya rutangwa na CNLG. Iyi ngingo itaravugururwa ntiyari isobanutse kuko havugwaga ko uruhushya rutangwa n'urwego rubishinzwe.

Ingingo ya 5: Igaragaza uruhare rw'ubuyobozi mu gushyingura, Ubuyobozi bw'Akarere bufite inshingano yo gushakisha imibiri y'abazize Jenoside yashyinguwe nabi no gukora ibishoboka ngo ishyingurwe mu cyubahiro mu gihe kitarenze amezi 3 kuva iyo mibiri ibonetse aho kuba amezi 6 nk'uko itegeko rya mbere ryabiteganyaga.

Ingingo ya 6: Isobanura uburyo bwo kwimura imibiri y'abazize Jenoside. Imibiri y'abazize Jenoside yari yarashyinguwe yimurirwa mu nzibutso za Jenoside ziteganywa n'iri tegeko, nyuma yo kugisha inama Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside.

Ingingo ya 7: Iyi ngingo ivuga ko Akarere ariko gashyiraho uburyo bwo gucunga umutekano w'inzibutso za Jenoside ziri mu ifasi yako.

Ingingo ya 8: Ivuga ku myubakire y'inzibutso, uburyo bukurikizwa mu kubaka inzibutso za Jenoside, gushyingura mu cyubahiro imibiri y'abazize Jenoside n'uburyobwokuzifataneza biganirwaho n'Ubuyobozi bw'Akarere bw'aho urwibutso ruzubakwa Minisiteri ifite ibikorwa remezo mu nshingano zayo na Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside.

Bibaye ngombwa hitabazwa impuguke mu myubakire y'inzibutso. Buri rwibutso rw'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi rugira ikimenyetso kiruranga cyagenwe na Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside.

Ingingo ya 9: Ivuga ko uretse ibikorwa bikorerwa ku nzibutso biteganywa n'iri tegeko, ibindi bikorwa bihakorerwa bitangirwa uruhushya na Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside aho kuba Minisiteri ifite kwibuka mu nshingano zayo nk'uko byari biteganyijwe mu itegeko rya mbere.

Ingingo ya 10: ivuga ku byiciro by'inzibutso: hashyizweho inzibutso za Jenoside zo ku rwego rw'Igihugu no ku rwego rw'Akarere. Buri rwibutso rwa Jenoside rugira ikimenyetso cya Jenoside kiruranga.

Muri buri Karere hari nibura urwibutso rumwe ruri mu rwego rw'Akarere. Hashobora kubaho kandi inzibutso za Jenoside ahandi hantu hose hafite cyangwa hasobanura amateka yihariye ya Jenoside nko mu bigo by'amashuri, mu bigo bya Leta n'ahandi. Itegeko n^{0} 56/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigenga inzibutso n'amarimbi by'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda ryongewemo ingingo ya 11,12,13 na 14.

Ingingo ya 11: Ivuga urwego rureberera inzibutso. Inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi ziri mu Rwanda no hanze zirebererwa na Minisiteri ifite kwibuka mu nshingano zayo naho CNLG igakurikirana imicungire yazo. CNLG ifatanyije n'inzego bireba iteganya amahugurwa ku bakozi bashinzwe imicungire ya buri munsi y'inzibutso za Jenoside.

Ingingo ya 12: Ivuga ku micungire y'inzibutso ku rwego rw'Igihugu . Urwibutso rurebererwa

komeza ku rup. 13

Imyigishirize y'isomo ry'amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi iracyacyeneye kunozwa

Inama yatumiwemo inzego za Leta zitandukanye, harimo SENA, MINEDUC, CNUR, KIE, n'izindi Kaminuza.

Ibi ni ibyagaragaye nyuma y'inama nyunguranabitekerezo ku myigishirize y'amateka ya Jenoside mu mahuri , yateraniye ku cyicaro cya Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside(CNLG), ku itariki ya 06/12/2011. Inama yahuje abakozi ba CNLG n'abafatanya bikorwa batandukanye, barimo Minisiteri y'uburezi, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Aegis Trust, Itorero ry'igihugu, Komisiyo y'igihugu y'uburenganzira bwa Muntu, CCM, n'abahagariye za Kaminuza zitandukanye zo mu Rwanda.

Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside yagize igitekerezo cyo gutumiza iyi nama ihereye kuri raporo ya sena imaze igihe igaragaje ko amwe mu mashuri yisumbuye arangwamo ingengabitekerezo Jenoside, na nyuma y'uko inama yo kuwa 15/09/2011 yahuje MINEDUC n'abafatanyabikorwa bayo yigaga ku burezi mu Rwanda, igaragaje ko gahunda yo kwigisha amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mashuri muri iki gihe itanoze.

CNLG ikaba yaratumije iyo nama ishingiye kuri imwe mu nshingano yahawe yo kurwanya no gukumira Jenoside n'ingengabitekerezo yayo.

Abari muri iyo nama babanje kugaragaza imiterere y'ikibazo kijyanye no kwigisha amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Uhagariye Minisiteri y'Uburezi yasobanuye ko isomo ry'amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi ryigishwa mu mashuri abanza, amashuri yisumbuye ndetse na Kaminuza. Ariko uburyo iryo somo ritangwa n'igihe rigenerwa akaba aribyo basanze bidahagije. Mu mashuri abanza rifite amasaha 9 ku mwaka, mu mashuri yisumbuye rifite amasaha 14 ku mwaka, muri Kaminuza ryigishwa gusa n'abo mu ishami ry'amateka.

Imfashanyigisho ziri hirya no hino zahuzwa

Ku byerekeranye n'imfashanyigisho nazo, mu mashuri yisumbuye, nta gitabo cy'umunyeshuri gihari, hari igitabo cya mwarimu gusa ku bijyanye n'iryo somo ry'amateka, kandi nabwo icyo gitabo ni icyo mu cyiciro rusange gusa. Icyo gitabo kikaba gifite amapaji atatu gusa avuga kuri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu kungurana ibitekerezo, abari mu nama basanze hari imfashanyigisho zitanduka nye zikoreshwa mu kwigisha ibijyanye na Jenoside yakorewe Abatutsi. Hari igitabo cy'amateka cyateguwe na Komisiyo y'ubumwe n'ubwiyunge kirimo n'ibika bivuga kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, hari imfashanyigisho Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside n'abantu bose mu gikorwa cyo kwigisha cyangwa cy'ubukangurambaga. Basabye kandi ko isomo ry'amateka ya Jenoside ryaba itegeko mu mashuri yose. Muri Kaminuza rikigishwa mu mashami yose aho kwigishwa mu ishami ry'amateka gusa.

Ku byerekeranye n'imyigishirize y'iryo somo, basanze ndetse byaba byiza ko hategurwa integanyanyigisho yakohererezwa za Kaminuza zo hanze, kuko nta kivuga ko iyo izo kaminuza zigisha amateka ya za Jenoside zabayeho ku isi baba bafite ubumenyi bwa ngombwa kuri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Isomo ry'amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi ryaba itegeko mu mashuri yose

Ku bijyanye n'igihe cyagenewe iryo somo, abari mu nama basanze iryo somo, ryigiswa mu cyiciro cya « social studies », ritangwa mu mpera z'umwaka, maze abarimu babona umwaka ugiye gushira batarangije gahunda bagafata ku masaha yarigenewe. Bifuje ko iryo somo ryajya ryigishwa mbere, kandi rikaba itegeko.

Kuba iryo somo ryaba itegeko, abunguranaga ibitekerezo basanze ko kugira ngo iryo somo ribe itegeko, ari uko habaho itegeko ribiteganya, imbanzirizamushinga y'iryo tegeko ikaba yategurwa na Minisiteri y'uburezi.

Kubera ko isomo ry'amateka ya Jenoside ari isomo ridasanzwe, abanyeshuri barikurikira bakaba bidakwiye ko baryigira gusa kubona amanota, ahubwo rikabahindura rikanabacengezamo umuco w'amahoro, abari mu nama bifuje ko abarimu bazigisha iryo somo, babanza bagahugurwa.

Iyo utekereje uburyo Jenoside yakorewe Abatutsi ari ikintu cyateguwe kikigishwa imyaka myinshi, kugira ngo ibashe kugeza uRwanda aho yarugejeje, bigufasha kwiyumvisha ukuntu ari ngombwa kwigisha isomo ry'amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi no gukora ubukangurambaga bugera ku baturage bose bubereka ibibi byayo.

Antoine Rwagahirima

Abari mu nama bifuje ko isomo ku mateka ya Jenoside riba itegeko mu mashuri yose.

Abakozi b'ikigo cya Leta gisakaza imiti (RBC) basuye abagize koperative "Tera Intambwe ubeho"

Ku itariki ya 4 Ugushyingo abakozi ba RBC/ Medical Procurement and Distribution Division (Iyahoze ari CAMERWA) basuye TERINTAMBWE UBEHO, koperative y'abagore bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi kandi bafashwe ku ngufu muri Jenoside batuye mu murenge wa Kibirizi mu karere ka Gisagara. Aba bakozi baganiriye na bo ndetse babagenera n'inkunga yo kubafasha kwiteza imbere.

Intego y'uruzinduko rw'aba bakozi yari ukugira ngo basure abanyamuryango ba TERINTAMBWE UBEHO kugira ngo babaganirize bumve ko hari abantu babatekerezaho, babafite ku mutima, bityo bibahe ingufu zo kurenga ibibazo batiteye, ahubwo batewe n'inkoramaraso zabiciye imiryango zarangiza zikabafata ku ngufu.

Gufatwa ku ngufu kw'aba bagore byabaviriyemo gutwara inda batifuzaga, babyara abana batagira ba se bazwi kuko umuntu yafashwe n'abarenze umwe kandi mu gihe kimwe.

Banahawe inkunga izabafasha kwiteza imbere kugira ngo bakore bave muri ubwo bwigunge.

Bamaze kubasha kwiyakira, bibumbiye muri Koperative.

Ikintukijyakibababaza cyane kurusha ibindi, aba bagore bari abakobwa b'inkumi, abandi ari abangavu interahamwe zibambura ubusugi bwabo ari nako zibigambaho. Nyuma yo kugirirwa nkana gutyo abo bagore bakomeje kubana n'ako gahinda cyane cyane ko bamwe muri bo bahanduriye agakoko gatera SIDA none ubu bamwe babana n'ubwandu.

Ikindi kibazo cyakomeje kubatoneka ni icyo kuba ngo batagira icyiciro babarizwamo nk'abacitse ku icumu. Si abapfakazi ba jenoside,si imfubyi zayo ahubwo ngo ni « ibindi ». Ariko byose.

Bahawe inkunga y'amafranga

Uretse ibiganiro byiza bibubaka bagiranye n'abakozi ba RBC, banahawe inkunga izabafasha kwiteza imbere kugira ngo bakore bave muri ubwo bwigunge. Iyo nkunga ikaba ingana n'amafaranga miliyoni imwe n'ibihumbi magana abiri mirongo ine y'u Rwanda(1,240,000frw).

Aba banyamuryango bakaba bemeza ko iyi nkunga bazayibyaza umusaruro batangiriye ku korora ihene. Kandi Twatekereje kubasura mu gihe cy'icyunamo ariko ntibyadukundiye none turaje kandi ndizera ko wenda mwatugaye gutinda naho guhera byo ntibyari gushoboka.

Tuje kugira ngo tubereke, tubabwire ko ibibazo mwahuye nabyo tubizi kandi tubazirikana ».

Ati « biteye agahinda ariko ntimukwiye kumva ko muri ibicibwa kuko nibyababayeho nta ruhare mwabigizemo ». Abashimira intambwe bateye yo kwishyira

Itsinda ry'abacitse ku icumu bafashwe ku ngufu n'abashyitsi babasuye mu ifoto y'urwibutso.

nyamara na bo bacitse ku icumu.

Abacitse ku icumu bagiye bahura n'ibibazo bitandukanye, bimwe birushije ibindi ubukana, ariko hari icyo bahuriyeho bose cyo kuba baracitse ku icumu. Aba bagore rero, nk'abantu bahuje ibibazo, bishyize hamwe bagira ubutwari bwo kuvuga ibyababayeho bibumbira muri Koperative TERINTAMBWE UBEHO, kandi bazi ko hari icyizere cyo kubaho nyuma y'ibyo bibazo n'ubuyobozibw'umurenge wa Kibilizi bwabijeje ubufatanye maze nyuma y'igihe gito ntibazabe bagitegereje akimuhana ahubwobazabebashoboye kwifasha.

Mu ijambo rye umushyitsi mukuru Félicité DUSABE wari uyoboye iryo tsinda ry'abakozi ba RBC yagize ati:»banyamuryango ba TERINTAMBWE UBEHO muraho, ntimugaheranwe n'agahinda kandi duhari . hamwe, abasaba gukomereza aho kandi abizeza ko bazakomeza kubavuganira .

Mbere y'uko abashyitsi basubira i Kigali habayeho igikorwa cyiza cyo gushyikirana no gusangira. Uru ruzinduko rwabasigiye akanyamuneza.

NTEZIRYAYO J.Damascene umukozi wa CNLG HUYE-GISAGARA.

UWASHATSE KUBONA URIRA ABONE USEKA

Impfubyi n'Abapfakazi muri ibi bihe by'iminsi mikuru ya Noheli n'Ubunani, nimubegere mubahe ibyiringiro . Nimubakande aho bababara, mubahumurize aho babara, bave mu cyabateye gukomereka, bitari ukwibagirwa ibyababayeho, ariko byibura bagire ibyiringiro mu buzima bwabo. Mubahe umuceri n'isukari n'ibindi, kuko udashobora kubwira umuntu ngo nasusuruke mugihe utamuhaye icyo yifubika. Tubikore muri iyi minsi mikuru ariko dukomeze byekurangirana nayo. Mubabwire amagambo meza abafasha gusohoka mu maganya cyangwa guhora mu kiriyo. Tubibutse ko hagomba kubaho igihe cyo kurira ariko ko, n'igihe cyo guseka kigomba kubaho. Nimuseke, uwababujije guseka abone museka. Noheli nziza n'Umwaka mushya muhire wa 2012.

GASASIRA Gaspard

Imibiri itarashyingurwa iri mu Tugari tugize Umurenge wa Mukura izimurirwa mu rwibutso rwa Cyeru

Urwibutso rwa Cyeru ruzasubiza ikibazo cy'imibiri idashyinguye neza mu Murenge wa Mukura.

Ubwo twasuraga urwibutso rurimo kubakwa i Sahera mu Kagari ka Cyeru, mu Murenge wa Mukura wo mu Karere ka Huye, Bwana Mazimpaka Ange, Umunyamabanga shingwabikorwa w'Uwo Murenge yadutangarije ko urwibutso rurimo kubakwa ruzarangira rutwaye hagati ya miliyoni 13 na miliyoni 15. Rukaba ngo ruzakira imibiri y'inzirakarengane zishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi, ikinyanyagiye hirya no hino mu Tugari tugize uwo Murenge. Emwe hari n'indi mibiri iri imbere y'ibiro by'Umurenge wa Mukura nayo yagombye kuzimurirwa muri urwo rwibutso. Mu murenge wa Mukura hari ahantu hane hashyinguye abantu .Imbere y'ibiro by'umurengewaMukura hashyinguye abarenga 2000 na bo bashyinguwe mu masashe. Hariho gahunda yo kuzabakuramo bakajyanwa mu rwibutso rw'umurenge ruriho rwubakwa ku kagari ka Cyeru. Aha naho hari abandi bazavanwamo bagashyingurwa muri iyo mva rusange iriho yubakwa iruhande rwaho bashyinguye.

Kwa MUVUNYI hari abarenga 16 bari mu musarane harimo n'abo mu muryango we. Icyo we yakoze ni ugushyiraho beto kuri uwo musarane none iyo beto imaze kwangirika kuburyo ishobora no kugwamo.Ariko ubu arasaba ko bavanwamo bakazashyingurwa hamwe n'abandi ubutaha.

Kwa Deo Ngenda bari barokotse ku kabakobwa bazanywe aho kwa Ngenda bicirwa mu mingoti y'imirima ye, nyuma bakurwamo bashyingurwa mu masashe aho mu murima wa Muvunyi.Aba na bo bagomba kuvanwa aho bakazashyingurwa muri iyo mva irimo yubakwa ku kagari ka Cyeru.

A.R

Uko ikibazo cyo kurangiza imanza z'imitugo zaciwe n'Inkiko gacaca gihagaze mu Karere ka Gicumbi

Akarere ka Gicumbi gahereye mu Ntara y'Amajyaruguru, gafite Imirenge 21, Utugari 109, abaturage 374,636. Akarere ka Gicumbi kari muturere twagiye tugira ibibazo mukurangiza imanza z'imitungo za gacaca. Imirenge yari ifite imanza ikaba ari imirenge yabayemo Jenoside cyane kurusha indi. muri iyo mirenge hari: Mutete, Muko, Rutare, Rwamiko, Nyamiyaga, Ruvune, na Byumba.Imanza zikaba zisigaye mu mirenge itatu ariyo: Mutete, Muko, Byumba.

Ibibazo bituma izo manza zitarangira, zijyanye n'abantu batishyuye kubera kubura ubwishyu kandi bigaragara koko abo bantu nta bushobozi bafite bwo kwishyura, n'ikibazo cy'ababesha b'inkiko bagiye badindiza imanza kubera ikimenyane cyangwa kudasobanukirwa inshingano zabo. Hari n'abantu bagiye bahisha imitungo yabo cyangwa bakayandika ku bandi kugirango batishyura.

Nkuko twabitangarijwe na Bwana Mukunzi Focus, uwungirije umuyobozi ushinzwe imiyoborere myiza mu Karere ka Gicumbi, Akarere kafashe ingamba kugirango imanza z'imitungo zirangire burundu.

Hari nko kubarura imanza zose zitarangiye muri buri kagari no kumenya impanvu zitarangiye; guhugura Abanyamabanga nshingwabikorwa b'Utugari n'Imirenge kuri icyo kibazo;kuganira n'Ababesha b'inkiko kugira ngo bashyiremo imbaraga kugirango izo manza zirangire. Aho bigaragaye ko uwakatiwe adafite ubwishyu agahuzwa n'uwo agomba kwishyura bo ubwabo bakunvikana uburyo yamwishyura, haba mu gukoresha imbaraga ze amukorera, cyangwa akamubabarira.

Hejuru y'izo ngamba, Akarere ka Gicumbi igihe kiyemeje kuba karangije imanza z'imitungo bitarenze werurwe 2012.

Mu murenge wa Byumba, umwe mu mirenge igize Akarere ka Gicumbi, ikibazo cy'imanza z'imitungo gisigaye mu tugari tubiri:Nyarutarama hasigaye abantu babiri naho mu kagari ka Kibari hari umuntu umwe.

Twaganiriye na bamwe mu baturage bo mu Murenge wa byumba bafite ibibazo by'imanza z'imitungo, bamwe muri abo baturage twaganiye harimo batatu bafite imanza zaciwe ariko bakaba bavuga ko batishyurwa kubera ubuyobozi bw'akagari butabyitaho.

Gashumba Claver na Mukamwambutsa Donatira basahuwe imitungo yabo bakaba bagomba kwishyurwa.

Abasahuye imitungo yabo ni abantubazafatanya kuyishyura buri muntu agatanga amafaranga ibihumbi ijana na mirongo itanu na bibiri na magana arindwi(152,700 frw), ariko abamaze kwishyura ayo mafaranga ni babiri, umwe yishyuye amafaranga ibihumbi mirongo irindwi(70,000), undi yishyura amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50,000).

Rugira Laurien, we yasahuwe inka esheshatu, ariko urukiko rwasomye urubanza rwe rumusaba ko yemera inka eshatu n'ubwo uwo muturage avuga izo zose zari zarabyaye). Ubwo urukiko rwategetse ko yishyurwa inka eshatu, kandi ko abantu basahuye izo nka uko ari batandatu (6) bagomba kuzishyura buri umwe agatanga amafaranga ibihumbi miringo irindwi nabitanu (75,000 frw). Ariko ubu amaze kwishyurwa n'umuntu umwe gusa.

Abaturage banatugaragarije ko bifuza ko ubuyobozi ndetse n'inzego zibishinzwe zabafasha bakishyurwa imitungo yabo basahuwe kuko izo manza zose zaciwe mu mwaka wa 2009.

UWAMAHORO Esperance, CNLG/Gicumbi

Ibitekerezo ku ihindurwa ry'itegeko NO 56/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena inzibutso n'amarimbi by'abazize jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda

Ibikurikira urup. 9

na Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside ku bufatanye n'Akarere urwo urwibutso rurimo.

Ingingo ya 13 : Ivuga ku micungire y'inzibutso ku rwego rw'Akarere. Imicungire y'inzibutso za Jenoside ku rwego rw'Akarere ikorwa n'Akarere urwo rwibutso rwubatsemo.

Ingingo ya 14: Imicungire y'inzibutso ziri hanze y'igihugu Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside ifatanya n' Ambasade y'Igihugu urwibutso rurimo mu micungire yarwo.

Ingingo ya 15: Ivuga ibiranga urwibutso rwa Jenoside. Ibikubiye muri iyo ngingo ntibyahindutse. Hongewemo ko buri rwibutso rwa Jenoside rwo ku rwego rw'Akarere rugira igishushanyombonera cy'inzibutso zose ziri mu ifasi yako.

Ingingo ya 16: Imibiri y'abazize Jenoside itarashyinguwe. Imibiri y'abazize Jenoside itarashyinguwe kubera impamvu zo kubika ibimenyetso bya Jenoside ku buryo burambye igomba gutunganywa ikabikwa mu nzibutso za Jenoside mu buryo itangirika hitawe ku ikoranabuhanga rigezweho ryo gufata neza imibiri, igashyirwa ahantu mpeshagaciro kandi igasurwa gusa mu buryo bwo kunamira abazize Jenoside. Imibiri itarashoboye gutunganywa ngo ibikwe mu buryo buteganywa ishyingurwa mu cyubahiro mu gihe kitarenze amezi 3 kuva iri tegeko ritangajwe aho kuba umwaka umwe nk'uko byateganywaga mu itegeko rya mbere.

Abari mu nama banifuje ko ku bijyanye n'inyubako hakwitabwaho no kubafite ubumuga.

Ingingo ya 18: Abakozi bashinzweinzibutso.Buri rwibutso rugira abakozi ba ngombwa bashinzwe gucunga no gufata neza ibiranga urwo rwibutso kandi bafite ubumenyi buhagije bubafasha gusobanura neza amateka ya Jenoside. Aha hasobanuwe ko inzibutso zo ku rwego rw'igihugu arizo Bisesero, Nyarubuye, Murambi, Nyamata na Ntarama zifite abo bakozi (2) bagenwa n'itegeko.

Icyiciro cya II kirebana n'amarimbi rusange cyavanweho.

Icyiciro cya III : Gisobanura ibihano bihabwa abangiza imibiri y'abazize Jenoside, gusenya inzibutso, kwiba imibiri n'ibindi.

Ibyumvikanyweho byahinduka mu itegeko ni inyito y'itegeko, kunoza ibirebana n'umutekano w'inzibutso ni ukuvuga ko inzibutso zacungwa n'umuntu ufite intwaro (imbunda) hakabaho za standars.Ikindi cyumvikanyweho ni imicungire y'umutungo ukomoka ku nzibutso byazitabwaho bikazashyirwa mu yindi nyandiko (document), kugaragaza uruhare rw'abacitse ku icumu mubijyanye no gushyingura.

Abari mu nama banifuje komubijyanyen'inyubako hakwitabwaho no kubafite ubumuga ndetse zikaba zubatse mu buryo bujyanye n'ikoranabuhanga.

Kubijyanye no kubungabunga inzibutso n'imibiri irimo ndetse n'ibindi bimenyetso nk'imyenda … bifuje ko haba uburyo bwo kubibika ku buryo burambye kandi bw'ikoranabuhanga ku buryo byazamara igihe kirekire bitangiritse, ariko basanze uburyo bwaratekerejweho ariko buhenze.

Mu byahinduka harimo inyito "irimbi" kuko iyo umuntu avuze irimbi ry'abazize jenoside wumva harimo ubusumbane kuko bamwe baba bashyinguwe mu nzibutso abandi mu marimbi kandi bose barazize Jenoside yakorewe Abatutsi akaba ari imwe mu mpamvu iyo nyito yahinduka. izindi mpungenge iyo bavuze ko umuntu ashyinguye mu irimbi watekereza ko hari igihe kizagera iryo rimbi rikaba ryasenywe hakajya ibindi bikorwa ariko urwibutso ruzahoraho kandi n'inyito ubwayo isobanura uko kwibuka.

Ubundi irimbi rya Jenoside ni ahantu hashyinguwe mu buryo bwa rusange imibiri y'abantu bazize jenoside yakorewe Abatutsi. Mu itegeko ryari risanzwe rikoreshwa ni agace c) haba harifujwe ko mu itegeko rivuguruye kazabamo.

Urwibutso rwa jenoside ni ahantu hashyinguwe abantu bazize jenoside cyangwa hatashyinguwe hafite cyangwa hasobanura amateka yihariyemu itegurwa no mu ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside.

Kanzayire Gertrude



Bamwe mu bakozi ba Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside bitabiriye inama.

Nta Jenoside yashoboka leta itayigizemo uruhare

Ubuhamya bwa Nyiramutabazi Gloriose, ku bwicanyi bwabereye ku musozi wa Kabuye ya Gisagara

Ubuhamya bwa Nyiramutabazi Gloriose, ku bwicanyi bwabereye ku musozi wa Kabuye ya Gisagara, no ku ruhare ubuyobozi bwagize mu kwica Abatutsi bari bahuriye kuri uwo musozi.

Hari imisozi myinshi yagiye igwaho Abatutsi benshi. Icyo abarokotse bari bahuriye kuri iyo misozi muri Mata 94 bahurizaho mu buhamya bwabo, ni uko abo bantu bagerageje kwitabara babasha no kwamurura ibitero by'abitwaje intwaro za gakondo bashakaga kubica. Kugira ngo abo bantu bari bahungiye kuri iyo misozi batsembwe, ni uko barashwe n'ingabo za Leta zaje zitwaje intwaro zikomeye zagombye kuba zirinda abenegihugu aho kubica. Urwo ruhare rw'ingabo za Leta rukerekana uruhare rw'ubuyobozi bwa gisilikare na gisivile muri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Nitwa Nyiramutabazi Gloriose, nkaba ntuye mu kagari ka Gisagara, Umurenge wa Ndora, Akarere ka Gisagara, Intara y'amajyepfo. Mbere ya Jenoside n'ubundi nari ntuye ino aha, kuri uyu musozi wa Kabuye. Ni ukuvuga ngo mbere gato y'uko Jenoside itangira, twajyaga kubona tukabona abantu bitaga abahutu bari ahantu, mu nama. Twabonaga bajyayo ariko tutazineza ikibajyanye. Abatutsi bagasigara ku ngo zabo bonyine. Abahutu bose bakazamuka, ari abatuye mu kabande n'amatungo yabo bakajya kurara ahantu bita muri Jagwari. Ni ukuvuga ngo Jenoside yatangiye twenyine turara ku musozi wa Kabuye, abahutu nta n'umwe urara kuri uwo musozi. Ni ukuvuga ngo rero bakoraga amanama kuri iyi misozi yose ikikije Kabuye.

Ubwo kuwa gatatu, hari ku matariki ntibuka, twagiye kubona tubona abantu b'impunzi batangiye kuza, baturutse ahari Komini Kibaye, Muganza, Muyaga, na Nyaruhengeri na bacye bo muri Shyanda. Bose baza bahunga. Bamwe bahita babitabaza ngo bajye mu buyobozi ahari Superefe Ntawukuriryayo Dominique.

Nukuvuga ngo natwe twaragiye. Hari habaye n'isoko hari kuwa gatatu, noneho tuhageze, urumva byari biteje umutekano mucye, isoko rivuyemo, aravuga ati noneho ndavuze ngo mwese mugende i Kabuye. Ni ukuvuga ngo twese twahise tumanuka tujya i Kabuye, ariko n'ubundi twebwe, ariho tuvuka. Na babandi baraza. Baza i Kabuye. Ariko tuhageze, bamwe bakavuga bati ariko ibi bintu ntabwo ari umutekano. Bamwe batangira kuvuga bati reka tugende tujye za Kibayi. Abandi bati reka da, murajya i Kibayi kandi natwe ariho twaturutse batwirukana. Abandi bati muraje kandi ariho twaturutse.

Bamwe baranga baragenda, barimo nabo muri "famille" yacu, bageze i Muyaga Superefe arabagarura. Ubwo twagumyaho kuwa gatatu, kuwa kane ku wagatanu. Kuwa gatanu ndibuka twari tugeze harya hasi y'aho urwibutso ruri, twikoreye utuntu. Kuko twe twari hafi, twasubiraga inyuma tukajya gushaka utuntu two guteka.

Ubwo Superefe yaraje ari mu modoka, ari kumwe n'uwaje kuba Burugumesitiri, yitwaga Fideli, ari kumwe n'umucuruzi witwaga Kayitani, ari kumwe n'umuntu wigaga muri Université witwaga Gisagara, ari kumwe na Ndayisaba Antoni, n'uwitwa Metero, n'uwitwa Kamanzi wigeze kuba Burugumesitiri, abo ni abo nari nzi. (n'abapolisi babiri, umwe yari umuburigadiye witwaga Visenti, we nari muzi). Ubwo yahise aduhamagara avuza ifirimbi ati mwese muze. Turabegera bati mwebwe, ntabwo turi bubice, nta kindi kibi turi bubakorere, twebwe turajya mu mazu yanyu gucunga niba nta masasu mwagiraga, none kubw'ibyo mwebwe nimugende,n'uwasigaye mu rugo mumuzane, mumubwire ko hari umutekano, natwe tugiye kubazanira amashitingi. Uwasigaye mu rugo tukagenda tukamubwira tuti uzi ko bagiye kuduha amashitingi, ngwino nawe ufate shitingi. Bagiye no kutuzanira ibiryo nta kibazo. Ubwo utuntu twose turasahura tubizana hahandi kugira ngo batagira ibyo basanga no mu nzu zacu.

Abapolisi bazanye bahise babashyira ku mazi, kugira ngo hatazagira uwongera kujya ku iriba kuvoma.

Twafataga amasaka tugasekura tugakora inkamure, twasubirayo tugasanga hari abapolisi bayarinze. Mu kanya bakiri hahandi ni bwo batangiye kurasa imbunda zoroheje, abo twari kumwe bakageragezakubirukankana, bari abapolisi nyine bakabirukankana kuri uriya musozi witwa Gahondo hakurya ,bakanabaminura kuko bari abasore benshi, tukabatwaza amabuye kugira ngo babashe kwirwanaho.

Ubwo twahereye nijoro, tuzamuka ijoro ryose, tuzamuka igitondo cyo kuwa nyuma turwana gutyo. Ariko noneho hagati, ubwo nka saa sita cyangwa saa munani, sinibuka amasaha, (z'amanywa), nibwo noneho haje intwaro za rutura. Ba basore bagendaga bakajya gutembera hirya no hino nibo baje baratubwira bati byarangiye ibyanyu, haje abajepe(G.P: garde présidentielle), haje imodoka zuzuye abajepe,nimusenge ibyacu birarangiye.

Nibwo abantu batangiye kwiyegeranya, abari abagatolika bakajya ukwabo, abari abapantekote ukwabo, abadive uko, buri wese asengera gupfa yejejwe mbese. Noneho rero kuri ya saha, nko hagati ya saa sita na saa munani, ubwo twagiye kumva twumva barashe ibibunda bya hatari amagerenade, ibiki byose. Waba uri kumwe n'abantu ukajya kubona ukabona musigaye muri babiri. Abandi barara bavuye aho. Ubwo hari kuwa nyuma.

Ni ukuvuga ngo njyewe ntabwo nakomeje gukurikirana byinshi kuko hepfo gato ya hariya mwabonye urwibutso, bateye grenade yica abantu benshi, n'umutware wanjye yari arimo, njyewe ntiyamfata. Naragiye ahubwo ngwa ahantu, ngwira igiti kirekire gisongoye. Ubwo narakomeje ndagenda. Barahanteruye, ariko abahanteruye sinibuka abo aribo. Uwo nibuka gusa ni Munyeshyaka mu bantu bahanteruye.

Iyo umuntu yapfaga bageragezaga kumuhamba. Bacukuraga akanogo gatoya, bakamushyiramo bakarenzaho itaka. Wa wundi wamurenzagaho itaka nawe akaba ararashwe. N'uko byari bimeze. Mbese ubwo baranteruye. N'ukuvuga ngo hepfo ku musozi ntabwo nasubiyeyo. Njye sinabashaga kugenda ariko narabonaga.

Baraye uwo munsi gutyo, barara gutyo, barasa, bagira gute, abantu bapfa, urusaku rw'amatungo, urusaku rw'abantu, urusaku rw'ibiki byose, buracyeye ku cyumweru baramuka barasa, birirwa barasa, noneho imvura wumva yaguye ino ahangaha yaguye ari ninjoro, ku cyumweru.

Abantu bamwe baravuga bati tugende twitwikire, wenda tugende dushobora kuzagera i Burundi, muri iyi mvura. Ntabwo bashoboye kugerayo. Nanjye naravuze nti nzabaha kugeza ryari, nanjye nagerageje gukurura, mfite ikibazo cyo kuba nakuyemo inda, urumva umuntu wakuyemo inda, nta muti nta n'ikintu na kimwe cyo kwambara. Ariko nanjye naragiye ngo tugiye i Burundi.

Bagiye bica, bica, ku musozi wa Karama kuko ariho hari inzira, ng'umuntu agende za Kabogobogo azarebe ukuntu yagera i Burundi. Hari mu mvura itabaho, hari mu mvura idasanzwe. Twaravuze tuti ubwo ari mu mvura uwagenda yashobora kubaho, ariko noneho twasanze ba bicanyi, ya mvura ahari ariyo yabateye ingufu.

Karama hasi twagiye bica bashyira mu mazi, bica bashyira mu mazi. Abatarapfuye barakomeje. Jyewe ntabwo nabashije kurenga Karama. Ntabwo naharenze kuko ntabwo nabashaga kugenda, naragiye ndara ahantu mpamara umunsi umwe. Hari ku cyumweru ngaruka nijoro. Narahiriwe

Komeza ku urup. 15

Nta Jenoside yashoboka leta itayigizemo uruhare

Ubuhamya bwa Nyiramutabazi Gloriose, ku bwicanyi bwabereye ku musozi wa Kabuye ya Gisagara

Ibikurikira urup. 14

nijoro ngerageza ngo ngaruke aho naturutse.

Ubwo rero naraje, maze kuza, nsanga guhera kuwa mbere baramuka bakora akazi ko gusonga imirambo. Abayisongaga ni abantu babaga bakoresha intwaro za gakondo, amahiri, amacumu, imihoro, ibintu byose nk'ibyo ngibyo, ari nako basahura bya bintu bahataye.

Si abaturage baho hafi (babasongaga), nabo barimo, ariko hakaba na ba bandi baturutse muri ibyo bitero, hari n'abarundi barimo, kuko hari abarundi bari bafite inkambi ahantu bitaga mu Rubanda, Muganza, n'abantu bo ku Muyira, n'abo ba karama. Aho niriwe ku wa mbere narababonaga, ab'I Karama baza bikoreye amamatola, amavarisi. N'ubundi baje gusongwa n'abantu barututse kuri iriya misozi yose ikikije Kabuye.

Ubwo rero naraje ngaruka kuri wa musozi, wajya kubona ukabona ukubitanye n'umuntu utahwanye. Ubwo rero ndaza , ubwo hari hamaze kuba ku wakabiri. Naravuze nti reka ngende ndebe ko nashobora kugera i Ndora. Ni hafi y'aho Umurenge wacu uri. Naragiye rero, mpura n'abakobwa twari duturanye nabo bashaka kunyica. Nari nifubitse "couvre lit", (nari mfite couvre lit nziza, mukuru wanjye yajyaga akora mu bazungu, nagiraga ibikoresho byiza byo

Aha ni ahari imibiri Kabakobwa hatarubakwa urwibutso.

mu bazungu), nahise nyibaha,ndababwiranti mwaretse nkabaha iyi couvre lit mukandeka nkigendera. Bahita bayakira ndagenda. Nari ngiye kwa mukuru wanjye wabaga i Ndora mpura n'abakobwa babiri Mukashyaka na Zirungwe, baravuga bati: "turakwica". Ndavuga nti ko mushaka kunyica ndi mwene wanyu(Mukuru wanjye yari yarashatse muri famille yabo), nimunanyica muraba mwihombeje, njyewe ndi mwene wanyu, Belancilla washatse iwanyu turavukana. Abakobwa ubundi barambonye, barabyina cyane bishimye bati "turasamuye".

Ubwo rero baranshoreye banjyana yo kuri uwo mukuru wanjye, bati "nakumenya turakureka, natakumenya turakwica. Mpageze abana barasohoka, ntibari bazi ko nkiriho , barishima batii dore Gloriosa weeee…… N'abakobwa nibwo bahise babona koko ko aribyo bahita bagenda.

N'ukuvuga rero ko ibindi nakomeje kubona ahubwo ari ibya Ndora, kuko namaze igihe kwa mukuru wanjye.

Ku kibazo cy'abantu benshi bari bahungiye ku musozi wa Kabuye Mukamutabazi yagize icyo yongeraho

Ku musozi wa kabuye hari heraniye abantu baturutse imihanda yose, kuko urabona Superefegitura y'ino yari Gisagara. Ni ukuvuga ba bandi baturutse Kibaye, Muganza, Nyaruhengeri hose, baje bazi ko baje kwitabaza superefe Dominique, kuko bari bazi ko ari umuyobozi wabo, bati buriya nitugenga araturengera nka superefe utuyobora. Noneho nawe, kuko mwabonye ko kano gasozi ari agasozi kari hagati, kari hasi, nawe niko yatoranyije ati mwese mujye i Kabuye.

Ariko nsubiye inyuma gato, ku wanyuma noneho, ni ukuvuga ngo hari abandi bari baranze kuhava(Ndlr: kuri superefegitura), bati ahangaha ni ku buyobozi, tugomba kuguma aha byanga byakunda. Noneho we yarabishorereye. Dominique Ntawukuriryayo, ubwe yafashe abapolisi, n'abandi baturage b'abicanyi ba ruharwa bashorera ba bantu barabazana no ku musozi wa Kabuye. Noneho ako kanya bakihabageza(kuko batangiye kubashorera nka saa tatu, noneho bamaze kuhabageza nibwo bazanye bya bitwaro noneho).

Ariko rero nanone, hagati aho naje kuva kuri wa musozi wa Ndora banyirukanye, nza kuba ino i Kabuye nanone. Hano hepfo y'urwibutso mpafite mukuru wanjye nawe wari warashatse umugabo w'umuhutu. Nagiye kubayo.

Superefe ubwe yaraje (kuko iyo mirambo yaje kubora hatera amasazi menshi cyane, abantu bajya kuvoma amazi bagasanga arimo inyo kubera imirambo yangiritse cyane. Noneho abantu baratabaza bati abantu bagiye gupfa kubera macinya), nibwo bazanye abanyururu kugira ngo bayihambe babakuye i Butare. Haje ibimodoka birimo abanyururu na za kateripirali, noneho baje superefe atangira gufata abantu kugira ngo bazane amazi yo kugira ngo bafungure imiti ya kirolini bari bazanye kugira ngo noneho babanze batere mu mirambo ya miti, kugira ngo umwuka unwe ya miti noneho ye gukomeza kunukirwa n'imirambo.

Ubwo rero yigeze kuza ansanga mu nzu aho nabaga, kwa mukuru wanjye. Ntiyankubise cyane byo kunyica, yari afite urukoni rurerure abwira abantu ngo nimuzane amazi nimuzane amazi. Yagendaga areba mu mazu kuko hari abantu bari bihishe badashaka kujyayo, muri kwa kuza aza muri ya nzu ansangayo. Yarankubise ya nkoni, arankubita ibitugu, arandyamisha, ankubita ahantu hose habaho. Nuko icyakora abantu baragenda bajyana amazi, mukuru wanjye nawe aragenda arayajyana, n'abandi baturanyi baragenda. Imiti bayifunguriraga hafi aho, abanyururu bafata ibikondo bakayajyana.

Ku byerekeye uruhare rw'abari abayobozi mu bwicanyi bwabereye ku musozi wa Kabuye Superefe Ntawukuriryayo Dominique, cyane cyane yakoranye n'uwitwa Ndayisaba Antoni, yigeze kuba Burugumesitiri wa Komini Ndora ariko ntabwo yari akiri Burugumesitiri. Uwari Burugumesitiri icyo gihe yari umugabo witwaga Selesitini. Noneho baza kuvuga ngo ni Ntamwete, noneho baza gushyiraho Uwizeye Fidèle. Uwizeye Fidèle, nawe yagendaga muri ibyo bitero, no muri ayo Manama yabaga arimo, cyane cyane….yari umwicanyi bya hatari, na Mbarushimana Emmanuel, wari Diregiteri w'amashuri waturukaga i Muganza, akazana ibitero by'Abarundi, n'uwitwaga Gisagara wigaga muri Université. (…….)

Uhereye ahubatse urwibutso, abantu baramanukaga bakagera ku musozi wa Rubibi, bakagera hasi ku kabande. Abari bahatuye hafi ya bose bari abatutsi benshi. Ongeraho noneho abaturutse imihanda yose. Ariko si kuri aka gasozi konyine bapfiriyeho, hari akandi gazozi hirya bita ngo ni ku Gatwaro, naho hari hateraniye abandi bantu. Nabo barashwe n'abantu bahagaze Ndora. Hariya n'uko ariho hari benshi cyane bikabije. N'ab'i Gatwaro barabazanye bari hano ku rwibutso rwa Kabuye.

Reba n'ubuhamya bwa Burizihiza na Mukankundiye 17-18

Nyarubuye: gahunda yo gukangurira imiryango ifite abantu bashyinguwe mu ngo kugira ngo bazanwe mu rwibutso

Imibiri y'abazize jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yagiye ishyingurwa mu buryo butandukanye n'ahantu hatandukanye bitewe kandi n'impamvu zitandukanye. Hari abashyinguwe mu ngo ahahoze hatuwe n'abacitse ku icumu ariko bakaba batakihatuye, hari abashyinguwe mu nzibutso ndetse no mu marimbi y'abazize jenoside. Bitewe rero n'uko abashyinguwe ahandi hatari mu nzibutso usanga nta buryo burambye bwo kubitaho, ni byiza ko iyo mibiri ivanwa aho hantu ikazanwa mu nzibutso.

Ni muri urwo rwego rero hari imiryango igera kuri itatu ifite abantu bashyinguye mu ngo twegereye turabaganiriza ku cyifuzo gihari cyo kuvana imibiri y'abacu yashyinguwe mu ngo cyangwa n'ahandi kugira ngo ivanwe aho izanwe mu rwibutso.

Bose rero usanga batabyumva kimwe kuko hari ababyumva vuba abandi nabo bigasaba kubanza kwigisha.

Abo twaganiriye bose ariko nyuma yo gusobanurirwa ibyiza byo kubazana mu rwibutso batwemereye ko bagiye kubanza kubiganiraho nk'umuryango noneho bakazafatira icyemezo hamwe.Ariko nabo hari ibyobabasabakobyabanza gukorwa ku rwibutso. Izo nzirakarengane zishyinguye mu ngo ni umuryangowaHIGIRO Prospère, uwa Karenzi n'uwa Rwakayigamba Ferdinand. Twaganiriye na murumuna we BAGARAGAZA, atubwira ko hashyinguye abagera kuri 15. KARENZI niwe twivuganiye atubwira ko hashyinguye abagera kuri 40.

RWAKAYIGAMBA Ferdinand twarivuganiye atubwira ko abashyinguye iwabo bagera kuri 25.

Kiliziya ya Nyarubuye yiciwemo Abatutsi benshi muri 1994.

Ibyiza byo kwimurira imibiri mu nzibutso

Kubera ko hari aho usanga hashyinguye, kandi ba nyir'abantu batagituye aho hantu(urugero ni nk'abana bacitse ku icumu usanga baba nka za Kigali mu miryango yabakiriye, abandi baba ku mashuri igihe kinin, bityo ugasanga aho iyo mibiri yashyinguwe hatitaweho, nta suku ndetse n'amatungo ashobora kuhavogera akangiza izo mva barimo).

Ikindi tutakwirengagiza ni uko igihe cyose abantu bagiye bashakisha ubuzima ku buryo ejo cyangwa ejo bundi n'abatuye hafi y'aho bashyinguye ababo bashobora kuhimuka ndetse bakaba banahagurisha, ibyo kuhitaho bikaba bitagishobotse .Niba bigenze gutya rero, byanashoboka ko uwahaguze yahakorera n'indi mirimo imufitiye inyungu.

Nyamara inzibutso zizahoraho, ntizimurwa kandi hari icyizere ko n'izititaweho zizitabwaho kuko Leta ibifite muri gahunda.

Ingorane iyo gahunda ihura nazo ku rwibutso rwa Nyarubuye

Nkuko twavuze haruguru ko hari abatumva vuba icyifuzo cyo kwimurira iyo mibiri mu nzibutso, ni ko banasobanura impamvu bagirabati:"***nimubanze mushyingure abari ku rwibutso bashyinguwe muri za shitingi kandi musane urwibutso tubone natwe tuzane abacu mu rwibutso"***. Nyuma yo kumva ibibazo nk'ibi rero tubabwira ko urwibutso rworugiyegusanwavuba kandi twizeye ko n'ibindi bikorwa bikenewe gukorerwa urwibutso rwa Nyarubuye bizakurikiraho uko ubushobozi buzagenda buboneka.

Dushakishe imibiri y'abacu bazize Jenoside

Bariya babyeyi, bakuru, barumuna bacu ndetse n'inshuti zacu bishwe bazira uko baremwe ni inshingano za buri munyarwanda wifuza gufatanya n'abandi kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo no guhangana n'ingaruka zayo, gushakisha imibiri yabo kugira ngo ishyingurwe mu cyubahiro. Iyo urebye imibare y'abazize Jenoside ukayigereranya n'iyabashyinguye usanga ko hari itaraboneka myinshi. Tutirengagije ko hari iyo tutazigera tubona nk'iyajugunywe mu mazi. Hari ikiri mu mirima hirya no hino ndetse no mu bwiherero"toilette" hatazwi.

Nyuma y'imyaka 17 Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda ibaye, ku rwibutso rwa Nyarubuye mu gice cyarwo cy'ahahoze ari inyubako y'abenebikira, mu bwiherero abo babikira bakoreshaga habonetsemo imibiri igera kuri itandatu, imyenda, inkweto imigozi bigaragara ko babatayemo bababoshye ndetse n'umuhoro.Ubwo bwiherero ntibwari bwarongeye gukoreshwa kuko bwakekwagaho kubamo imibiri y'abazize Jenoside yakorewe abatutsi.

Icyo nsaba Abanyarwanda bose n'uko ahantu hose bakeka ko haba hari imibiri bazajya bahamenyesha ubuyobozi bubegereye ubwo aribwo bwose (ingabo,polisi n'inzego z'ibanze).

GASENGAYIRE J.Claudine

Umukozi wa CNLG

Ngoma-Kirehe

Ubuhamya bwa Mukankundiye na Burizihiza ku bwicanyi bwakorewe ku musozi wa Kabakobwa yo muri Huye mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi

Jyewe nitwa Mukankundiye Matilda, nkaba ntuye mu Murenge wa Mukura, akagari ni Cyeru, umudugudu wa Sahera. Mu by'ukuri aha hantu Kabakobwa jyewe naraharokokeye, kuri 21/4/1994 naraharaye buracya ari ku wa gatanu 22 ndahirirwa , aha hari abantu baturutse imihanda yose , uturere twose kuva muri za Gikongoro no kuva za Gisagara, kuva za Nyaruhengeri , za Kigembe aha hantu hari isi n'ijuru. Kuva ku nkengero z'akabande kugeza ku musozi ruguru, hari abaturage benshi cyane utashobora kubona. Ni kuvuga ngo naraharaye ndahirirwa, jenoside yo kwica yatangiye neza mu masaha ya saa cyenda. Abatutsi koko bari benshi aha hantu barareba basanga ntahantu bahera kugira ngo babice. Nibwo bavuze bati twebwe abatutsi bari ku Kabakobwa baratunaniye.

Baduteraga baturutse kuri Nkubi, Sahera,Nyaruhengeri, Kibirizi hose baramanukaga bakaza bakica. Ubwo icyo gihe saa cyenda bamaze gutabaza Kanyabashi wari Burugumestri wa Komini ya Ngoma. Niwe rero waje kohereza abasirikare, abapolisi, baraza igitero, batayo imwe ihagarara aho haruguru, abandi bahagarara hakurya mu dukombe tunyuranye, bararasa, abandi bakoresha gakondo. Hano hari isi n'ijuru, mu by'ukuri ntabwo navuga amamiriyoni yari hano ku Kabakobwa.

Ubwo baraturashe abandi bakoresha imipanda, abandi bakoresha udufuni, ubwo jyewe nahunze ngana aho hakurya za Kibirizi. Ariko imiborogo yari iri aha ngaha yari iteye ubwoba. Ubwo naje guhindukira. Abanyarubirizi, interahamwe zaho zarongeye ziratugarura, turaza ngo nidusubire ku Kabakobwa aho twari turi ngo n'ubundi tuhapfire, ngo "mwa bagome mwe, ngo mwagize gutwika amafaranga mwari mwahunganye, mugira gutwika ibintu byose byari bihari ngo none murarushya muhungira ahangaha", ngo "muragana hehe ko mutagira aho muhungira"

Ubwo rero naragarutse ndara mu gishanga. Nari mfite inda nananiwe. Nikubise mu mazi, nanirwa kuvamo, icyo gihe bancaho baza gusahura ibyari biri ahangaha, bariho banigana. Noneho jyewe ndyama mu masaka yari aho mu kabande. Ubwo rero bwaracyeye ari kuwa gatandatu nibwo batuzamuye ngo nidusubire ahari ku iseta. Naraje nsanga imirambo ahangaha, harimo mabukwe twari turi kumwe. Abantu benshi cyane ari imirambo, badushyira

Madamu Burizihiza Rose.

ku murongo ngo nimwongere mwicare ahangaha mupfe.

Sinzi ukuntu rero mu kanya gatoya ubuyobozi bwamanutse, harimo Habyarimana Pascal yari uw'iwacu hariya i Sahera. Araza ati nimube muhagaritse ubwicanyi ati hari itangazo risohotse no naha, rivuga ko hajeho ihumure ry'abagore n'abakobwa. Ubwo nibwo bahagaritse narimaze kugera neza ku iseta kugira ngo nanjye banyice, abandi bose bari bamaze kubica. Habyarimana yari Konseye wa Sahera.

Nibwo bahise rero bahagarika ubwo bwicanyi ngo haje ihumure ry'umugore n'umukobwa. Ngo ariko uwitwa umugabo n'umuhungu arapfa. Nibwo rero icyo gihe baje bazamura agakanzu k'umwana w'incuke narimfite narimpekeye ku nda barebye igitsina cye basanga ni agahungu. Basanze ari agahungu barambwira ngo ba uretse bawicaye aho ngaho.

Icyo gihe rero nibwo Imana yakoze ibitangaza nk'uko yakomeje ibikora numva baravuze ngo mwese muhaguruke ahangaha mugende. Ndongera ndagaheka kuko kari kambaye agakanzu. Turataha tugeze iwacu hariya I Sahera aho bita Icyeru nyine ubwo badushyira mu ishuri, baturundamo mu ma saa cyenda z'amanwa. Baraza uwitwa Kanyabashi yari Burugumestri dukorana inama n'abayobozi bose barimo ba Pascal Habyarimana wari Konseye wa Nkubi , n'abandi ba serire naba resiponsabure bari bariho icyo gihe bakora inama baratubwira ngo buri umwe wese asubire mu itongo rye, ngo uwo basanga yatwikiwe, ngo uwo basanga hasenywe ngo agerageze ukuntu yajya mu itongo rye. Ni uko nguko twavuye aha ngaha ku k'Abakobwa ariko ndakubwiza ukuri amateka y'akabakobwa sinzabyibagirwa kuko naraharaye ndahirirwa ndaharokokera.

Ubwo ngubwo twagiye mu matongo, nkomeza kuba muri ubwo buzima bwo kuba mu matongo ndinda ubwo mbyara. Narakubiswe ubu mfite ubumuga ntavuga ariko Imana yakomeje kundinda, kugeza kuri uno munsi.

Ku byerekeye uko abari bahungiye ku Kabakobwa bageraje kwirwanaho

Nakubwiraga ko bahanganye kuva ku wa kane ni mugoroba wa joro buracya ku wa gatanu kuri 22 guhera sa kumi n'imwe za mu gitondo birwanaho kuko babateraga grenade. Twajyaga kubona tukabona hari uwo bakubise grenade aragaramye, igihe bene wabo bajya guterura bajya kumuzika ahantu bakaba bagaritse undi gutyo gutyo, birirwa bahangana gutyo. Byageze rero saa cyenda nibwo hamanutse batayo y'abasirikare, abapolisi iwacu bari bahari bitwaga ba Kaniziyu , aha ku Nkubi hari abapolisi n'abasirikare, na batayo rero yaturutse mu mujyi. Bakoresha noneho imbunda n'amasasu. Barakora ariko bakora akazi, abandi nabo b'interahamwe bari basanzwe ari abaturage bahano bakoresha imihoro n'amafuni, nuko ng'uko byagenze.

Nitwa Burizihiza Rose, nkaba mpagarariye abacitse ku icumu mu murenge wa Mukura. Ku harokokera nanjye naraharokokeye. Tuvuze imibare y'abantu bahaguye barenga ibihimbi 60. Ariko ni ukugereranya , abandi batubwira ko ari ibihumbi ijana. Ikintu cyaje kutubabaza rero ni uko nyuma ya Jenoside, nk'umuntu wari umutegetsi icyo gihe witwa Burugumestri Mukarusanga Ignaciana yateje ishyamba, tubona biratubabaje nk'abantu bahafite abantu, ariko uwo twaregaga niwe twaregeraga. Ishyamba rirakura, tubona birenze ukwemera. Ku buryo jyewe no muri icyo gihe twajyaga dushwana, (nanjyenariumuyobozi nari Konseye wa Sahera), ngaragaza ikibazo cyanjye. Nyuma rero mbonye ko ibintu bimaze gukomera, nk'umuntu uhagarariye abacitse ku icumu, muri uyu mwaka wa 2010 ndavuga nti ninshaka nzabizire arinjye ntange ikirego.

Nanditse nsaba ko byibuze badukuriraho iri shyamba, nandikira ubuyobozi bw'Akarere, mpa kopi ahantu hose hashoboka muri

Komeza urup18

Ubuhamya bwa Mukankundiye na Burizihiza ku bwicanyi bwakorewe ku musozi wa Kabakobwa yo muri Huye mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi

Ibikurikira urup. 17

Ibuka, muri CNLG, muri MINALOC, ahantu hose tubona ari ngombwa, ntanga no mu ngabo na polisi.

Wenda ikintu twishimiye gito ni uko ingabo na polisi badufashije gukuraho iri shyamba. Bahamagaye umugabo we Nyampenda bamutegeka ko ibi biti bigomba kuvaho bafatanyije n'umurenge wa Mukura. Arabyemera aravuga ati ubwo ni ikosa nyine ryarabaye, ndasaba imbabazi. Ibiti ingabo zirabitema, ariko murabibona ko n'ubundi ryongeye ryashibutse, mu by'ukuri ntabwo bikwiye. Ahantu hashyinguwe abantu bangana gutya, barenga ibihumbi mirongo itandatu kuba mu ishyamba(….) nibura bagire ikintu bahakorera kugirango tuboneko hatunganye.

Jye nabanje no kwibaza ndavuga ngo mu rwego rw'abacitse ku icumu iyo tugira amafaranga, twari gushaka umwavoka tukarega uriya Burugumestri Ignaciana kuko yabikoze abizi kandi yabikoze abishaka. Ndahamya ko hari ibindi bintu yari yishingikirije kuko ni ibintu byagaragariraga buri wese.

Tukaba rero dusaba ubuvugizi, gusa hari intambwe umuyobozi yateye ntatinya kuvuga, Umuyobozi w'Akarere uriho ubu. Yaravuze ati "rwose ngiye kubafasha, Kabakobwa nanjye nageze muri Huye ndayumva, ngiye kubafasha turebe icyo twakora". Ubwo nawe yaturemye umutima . Na Komisiyo imwe y'abadepite yaradusuye.

Mu by'ukuri twari twarifuje nka Komite z'abacitse ku icumu bo mu Murenge wa Mukura ko nibura haba urwibutso mu rwego rw'Akarere ka Huye, kuko twabonaga ahandi za Murambi babara ibihumbi mirongo itatu ariko hano turabara ibihumbi mirongo itandatu. Twabonye ariko byanarenga.

Baza kutubwira ko nta muhanda uhari ariko umuhanda nawo ukorwa n'abantu kuko n'abaje kwica babazanye mu modoka, baraparika bakajya bateramo ibibombe. Ariko niba ubwo bushobozi bwo kuhakora urwibutso rw'akarere budahari nibagire ikindi kintu bahakora habe amateka bahazitire neza abantu babavanemo, habe ubusitani se, abantu baze bahasure bavuge ibyaho, mu rwego rwo kugirango ibintu bitazibagirana. Hari ikintu twasabye mu rwego rw'igihugu rwa Gacaca ko habaho Gacaca yihariye nk'ahantu habereye amarorerwa. Batwoherereje abanyururu bemeye ibyaha, Gacaca tuyikoreramo hano muri iri shyamba . Mu by'ukuri abanyururu bireze baravuze bati aha hantu iyo mibare muvuga ni mike twe twabonaga ari ku ibagiro, twari twategetswe n'abategetsi bari bariho ba Kanyabashi, koloneli Muvunyi ufungiye Arusha, abayobozi mu nzego zitandukanye bose bari ahangaha.

Aka gasozi kose ureba kugera hariya epfo mu kabande harimo abantu ariko ubu imizi y'ibiti yagiye ibarya, ubu nubwo twataburura wenda twabona imibiri y'ibisigazwa n'amagufa make, ariko barimo. Twari twifuje ko biriya biti byarimburwa byibuza iyo mibiri tutabasha gukuramo neza, tukahazitira tukajya tuza tuhasengera. N'ubundi buri mwaka tuza kuhavugira misa, ariko byibuza hakazitirwa kugirango aba bantu batataburuwe nabo bahabwe icyubahiro kuko uko abantu bahinga hariya mu nkengero, bakuramo imibiri, tukajya gushyingura.(…)

Mu mwaka wa 2010 rero abantu batangiye guhahamuka batekereza abantu babo bari aha n'i ibiti bibateye hejuru. Umunsi umwe igiti cyabaga cyakuze cyabyibushye, abantu batangira guhahamuka najye mbona nta kundi nemera kwangana n'abo bayobozi nyine ndabarega. Ubwo nta kundi byari kugenda kugira ngo amateka agaragare nibyabereye aha bimenyekane.

Byakiriwe na A.R

Ikibazo cyo kurangiza imanza z'imitungo za Gacaca uko gihagaze mu Karere ka Karongi

Ikibazo cyo kurangiza imanza zimitungo za Gacaca inkingi y'ubumwe n'ubwiyunge uko gihagaze mu Karere ka KORONGI ntizirarangira .Nko mu murenge wa BWISHYURA izo manza z 'imitungo za Gacaca ntabwo zirarangira dore ko zifite imbogamizi nyinshi .Twaganiriye na bamwe mu baturage bo mu murenge wa Bwishyura batubwira y'uko batarishyurwa ndetse babona bitazarangira vuba aho bavuga ko babona kubisyhura bikiri kure kuko abagomba kwishyura babona batabyitaho ndetse ntibabihe n'agagaciro n'ubwo Abayobozi ntako bataba bagize.Twavuganye n'ushinzwe Etat civil w'umurenge wa BWISHYURA atubwira zimwe mu mbogamizi bahura nazo. Hari ubwo usanga bamwe mu bagomba kwishyura iyo mitungo ari abakene bamwe badafite ikintu na kimwe babona nibyo kurya bibagoye. Ibyo rero ugasanga biri mubidindiza kwishyura imitungo Cyakora ngo bagiye kwiha igihe cyo kubirangiza n'ubwo bitoroshye kubera izo nzitizi twavuze haruguru.

Uwamariya Pascasie

Umukozi wa CNLG /Akarere ka Karongi na Rutsiro

Uko ikibazo cyo kurangiza imanza z'imitungo giteye mu Karere ka Gakenke

Mu manza z'imitungo 11640 akarere ka GAKENKE kari gafite,murenge wa GAKENKE wonyine wari ufitemo imanza 936. Izi manza zose zaraciwe ndetse no kuzirangiza hakaba hasigaye urubanza rumwe gusa narwo rukaba rurimunzira zo kurangizwa. Ibibazo byagiye biboneka mu kurangiza imanza z'imitungo mu murenge wa gakenke ahanini akaba ari nko kuba abangije imitungo bari abakene ku buryo usanga nta bwishyu bashobora kubona,abangije imitungo badafite aho babarizwa hazwi,cyangwa se abapfuye imiryango yabo ikazima ku buryo habura uwishyura.

Kugirango iyimitungo yishyurwe hakaba harafashwe ingamba zikurikira ;

-kubaruraabantubose bangije imitungo

-gushakisha abimutse aho baba baherereye ngo bishyuzwe

-uruharerwaburiwese bireba mu kwishyuza iyi mitungo.

Izi ngamba zafashwe zatanze umusaruro ugaragara kuko nk'uko twabivuze hejuru hasigaye urubanza rumwe gusa kandi narwo rukaba rutazagorana kuko bitarenze ukwezi kwa Gashyantare 2012 ruzaba rwararangijwe..

Mukamukesha Julienne Umukozi wa CNLG/Akarere ka Gakenke na Ngororero

Abayobozi bo mu ishyaka rya A.C.D.P ryo mu gihugu cy'Afurika yepfo basuye Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside

Abanyafurika y'epfo bari mu nzego z'ubuyobozi bw'ishyaka rya gikirisitu riharanira demokarasi(A.C.D.P; African Christian Democratic Party), ku itariki ya 19 ugushyingo 2011 bagendereye Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside(CNLG) bagamije gusobanukirwa neza Jenoside yakorewe Abatutsi, uko yateguwe n'uko yashyizwe mu bikorwa. Bahawe ikiganiro na Bwana Karengera Ildephonse umuyobozi w'ishami ryo kwibuka no gukumira Jenoside.

Bwana Karengera Ildéphonse (uwa kabiri uturutse ibumoso) mu ifoto na bamwe mu bayobozi b' ishyaka ba ACDP, nyuma yo kubaha ikiganiro.

Mbere yo kubasobanurira icyerekezo rusange n'inshinganoza CNLG ndetse n'ibikorwa byayo, Bwana Karengera yabanje kubereka ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu mwaka w'1994, uretse kuba yarateguwe n'ubuyobozi butandukanye bw'uRwanda bwa mbere ya 94, ikomoka no mu mitegekere yazanywe n'abazungu bamwe bakolonije uRwanda mbere y'uko rugera ku bwigenge

Yabasobanuriye ukuntu URwanda rwa mbere y'uBukoloni rwari rutuwe n'Abahutu, Abatwa n'Abatutsi, nta gihe na kimwe ibyo byiciro by'abenegihugu bari barigeze bashyamirana cyangwa bicana. Yerekana ukuntu ari abakolonib'Ababiligi, bageze mu Rwanda bazanye ibitekerezo bitandukanya abanyarwanda, bafata n'icyemezo ko abo bazafatanya kuyobora ari Abatutsi.

Ariko igitangaje akaba ari uko abo bazungu bashatse ko bayoborana n'Abatutsi bonyine, aribo nyuma baje kumvisha abahutu ko baryamiwe n'Abatutsi, ko bakorewe akarengane. Batangira no gukwiza mu Bahutu ibitekerezo byo kuvuga ngo Abatutsi atari abenegihugu nyakuri, ko ari abavantara.

Bwana Karengera yabagaragarije ko ibyo bitekerezo byumvishaga abahutu ko bakandamijwe, aribyo byaje gutuma bashinga ishyaka rihuriyemo ubwoko bumwe, mu gihe ubundi amashyaka atagombye kugira ivangura, ngo rigire abo riheza.

Nkuko byerekanywe n'uwatangaga ikiganiro, ibyo bitekerezo byaje no gushyirwa mu kiswe amategeko cumi y'Abahutu yakanguriraga abantu urwango rukabije rw'abatutsi, byakomeje guhemberwa n'ubuyobozi bwa mbere ya 94. Aha bwana Karengera, yagarutse ku madisikuru ya Prezida Kayibanda.

Abashyitsi bo mu gihugu cy'Afurika y'epfo bamaze gusobanurirwa imiterere y'ubuyobozi bw'uRwanda bwa mbere ya Jenoside kuva mu gihe cy'ubutegetsi bwa gikoloni, na nyuma y'uko uRwanda rubonye ubwigenge, bagaragarijwe ko Jenoside yakorewe Abatutsi yabaye kuva mu kwezi kwa Mata kugeza muri Nyakanga 1994, itatewe n'uko indege yari itwaye Prezida Habyarimana yarashwe, ahubwo yari yarateguwe. "byakumvikana gute ko mu minota itageze ku icumi, nyuma y'uko indege ya Habyarimana igwa, mu makaritiye ya Kigali bwari bwatangiye" (NDLR: inkuru y'ihanurwa ry'iyo ndege yamenyekanye bukeye)

Ikindiniuko Abatutsi bishwe ntaho bari bahuriye n'ihanurwa ry'iyo ndege. Bishwe nta ntwaro bitwaje, bamwe bicwa ari ibibondo, bazira gusa ko ari Abatutsi.

Umuyoboziw'ishami ryo kwibuka, no gukumira Jenoside yasobanuriye abo mu ishyakarya A.C.D.P ko

Komeza ku rup. 20

Abayobozi bo mu ishyaka rya A.C.D.P ryo mu gihugu cy'Afurika yepfo basuye Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside

Ibikurikira urup. 19

Basobanuriwe ingaruka URwanda ruhangana nazo zatewe na Jenoside yakorewe Abatutsi.

ubuyobozi buriho ubu bwaciye ukubiri n'izo politiki zavanguraga kandi zigakangurira ubwicanyi, ko bwavanye ubwoko mu ndangamuntu kandi Abaturage bose, abatwa, abatutsi n'abahutu bigishwa ko ari abavandimwe, kandi hakaba harashyizweho amategeko akumira kandi ahana Jenoside n'ingengabitekerezo yayo, n'ivangura iryo ari ryo ryose. Hashyirwaho n'ibigo bikumira ivangura n'akarengane mu mashuri, mu kazi , n'ahandi hose hashobora kuboneka akarengane.

Ku byerekeye inshingano n'ibikorwa bya CNLG, Abashyitsi babwiwe ko icyerecyezo rusange cya Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside ari "ukugira sosiyete itarangwamo Jenoside", basobanurirwa n'inshingano icyenda Komisiyo yahawe, umuntu yakubira mu nshingano zo kurwanya no gukumira Jenoside, kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, no gukora ubuvugizi kugira ngo imibereho y'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi irusheho kumera neza. Bagaragarizwa ko nk'ingaruka za Jenoside, ubu uRwanda rufite imfubyi nyinshi n'abapfakazi, bamwe barwaye Sida bandujwe n'ababafashe ku ngufu mu gihe cya Jenoside , abandi barwaye ihungabana n'izindi ndwara zidakira.

Nk'uko abantu bishwe ari benshi cyane, imwe mu ngorane CNLG ifite, nkuko byasobanuwe, ni ukuba hari abantu benshi batari bashyingurwa mu cyubahiro, kubera ko amakuru y'aho bajugunywe bamaze kwicwa aba ataramenyekana.

Indi ngorane ngo n'uko hakiri abantu bahakana cyangwa bapfobya Jenoside baba hanze y'uRwanda, ariko mu bihugu bitandukanye hakaba nta tegeko rihana abahakana Jenoside yakorewe Abatutsi(nk'uko iryo tegeko ririho mu bihugu byinshi ku byerekeye Jenoside yakorewe Abayahudi: shoa).

Nyuma y'ikiganiro bahawe abashyitsi babajije ibibazo, birimo icyo kumenya uruhare Kiliziya gatolika yagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi, no kumenya niba yarasabye imbabazi ku ruhare yaba yaragize. Mu gusubiza iki kibazo, uwatanze ikiganiro urwo ruhare yarutangiriye kure cyane, agaragaza ukuntu ubutegetsi bwa gikoloni bwari bufatanye urunana n'ubuyobozi bwa Kiliziya gatolika, ku buryo ibyo bwasabaga byabaga nk'itegeko. Anagaragaza ko ubwo bufatanye bw'ubutegetsi bwa politiki na Kiliziya gatolika bwanakomeje. Urugero ngo ni Musenyeri Nsengiyumva Vincent, wari arikyepiskopi wa Kigali wari i muri Komite nyobozi ya MRND, urwego rukuru rw'ubuyobozi bwa MRND yayoboraga igihugu.

Yababwiye ko hari abapadiri benshi bagize uruhare muri Jenoside, nka Padiri Munyeshyaka Wenceslas, na Padiri Seromba Athanase wari Padiri mukuru kuri Paruwase ya Nyange, watanze itegeko ko basenya Kiliziya, bakayisenyera ku bari bayihungiyemo.

Ku bijyanye no gusaba imbabazi, abashyitsi babwiwe ko Kiliziya Gatolika itari yasaba imbabazi, ikaba yemeza ko abapadiri n'abihayimana bakoze ubwicanyi, bagize uruhare ku giti cyabo, batatumwe na Kiliziya, Ko Kiliziya gatolika nka "institution" nta ruhare yagize muri Jenoside.

Abo mu ishaka rya gikiristu riharanira Demokarasi ryo muri Afurika y'epfo bifuje kumenya uruhare rwa Kiliziya Gatolika muri Jenoside mu Rwanda.

Ikiganiro kigeze ku musozo, Bwana Karengera yasabye abari bagendereye CNLG bo mu ishyaka rya kinyafurika kandi rya gikirisitu riharanira demokarasi "kuzatubera ba ambassaderi " bakumvikanisha neza mu gihugu cyabo imiterere ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

A.R